# LUKA
# NA
# YOHANA

**TMBC ISOMO #9**

**Igitabo Cyifashishwa n'Umuyobozi**

Muyobozi mwiza w'Inyigisho z'Ijambo ry'Imana,

Nejejwe n'aya mahirwe duhawe yo gufatanya nawe gutangira kwiga iyi nyigisho y'Isezerano rya Kera n'ubuzima, n'umurimo n'ibitangaza byakozwe n'Umwami n'Umukiza wacu Yesu. Niba warifatanyije natwe twiga Isezerano rya Kera nk'umuyobozi w'itsinda, ndagira ngo nkumenyeshe ko ubu tumaze kurenga muri kimwe cya kabiri cy'urugendo rwacu rwo kwiga Bibiliya yose. Niba ari ubwa mbere ugiye kwifatanya natwe, tuguhaye ikaze mu byo njya nita " Ibitabo biruta ibindi byo muri Bibiliya!"

Tumaze gusesengura ibitabo 39 byo mu Isezerano rya Kera none ubu tugiye gusesengura ibitabo 27 by'Isezerano Rishya. Muri iri somo, tugiye gutangira kwiga ibitabo bine by'Ubutumwa bwiza, birzadushishikariza kubwiriza ubutumwa bwiza abatarabumenya. Njya nkunda kuvuga ngo, "Iki ni cyo gitabo nkunda kuruta ibindi" cyangwa "Iki ni cyo gice cya Bibiliya nkunda cyane." Ibi mbivuga kenshi kuko mbikunda cyane iyo ndimo kubisoma. Ariko ubwo tugeze muri Matayo, Mariko, Luka na Yohana nakubwiza ukuri nshize amanga ko tugeze mu mutima wa Bibiliya. Ikintera kuvuga ibi ni uko Bibiliya yose ivuga Yesu, kandi ibi bitabo nibyo mwirondoro w'ubuzima bwa Yesu. Ubuzima bwe nibwo bwabaye ihishura rikomeye cyane ry'ukuri isi yahawe (Yohana 1:18). Ibyari bigize Yesu Kristo byose, ibyo yavuze byose, n'ibyo yakoze byose nibyo hishura rikomeye cyane Imana yahaye isi!

Ndagira ngo nkwibutse ko turimo gusesngura Isezerano rya Kera. Tuzibanda ku byanditse by'ingenzi gusa. Icyo nsaba Imana ni uko izi nyigisho zagufahsa wowe n'abo uzaba uyobora mu ijambo ry'Imana kugira ngo ijambo ry'Imana ribagemo ku buryo ibitangaza byaba mu bugingo bwanyu. Ni byiza cyane ko twabyiga. Pawulo yabwiye Timoteyo ati *"Ujye ugira umwete wo kwishyira Imana nk'ushimwa, umukozi udakwiriye kugira ipfunwe, ukwiriranya neza ijambo ry'ukuri."* Ijambo ry'Ikigereki Pawulo yakoresheje avuga "kwishyira Imana" muri iki cyanditswe tuzi ko risobanuye "kwibira, gutwika imbaraga zo mu mutwe, kuba umukozi niwiga." Ndagira ngo ngushishikarize gusoma no kwiga Isezerano Rishya ryose mu gihe turimo gusesengura iki gice cya Bibiliya. Dusoma ndetse twigisha abandi ibitabo by'ubutumwa bwiza n'ibindi bitabo byo mu Isezerano rya Kera, biradusaba ko

dushakisha ubutumwa twashyira mu bikorwa mu buzima bwacu. Twiga ndetse twigisha abandi tugomba gukomeza kwibaza ndetse tugasubiza ibi bibazo:

- Ijambo ry'Imana rivuga iki?
- Iki cyanditswe gisobanuye iki?
- Iki cyanditswe kimbwiye iki n'abo ndimo kuyobora?
- Iri jambo ribwiye iki Imana?
- Ni hehe handi Bibiliya yigisha uku kuri? Ndagusbaira ngo twiga izi nyigisho uzamenye Yesu kurushaho kandi uzamubwire abandi bakeneye kumenya no kubona urukundo rwe, ubuntu bwe, n'imbaraga z'ubugingo bwe mu buzima bwabo.

Imana iguhe umugisha kandi ikugire umugisha mu bandi mu gihe uba umukozi utazakorwa n'isoni igihe uzaba uri imbere y'intebe y'urubanza rw'Imana kuko wigishije neza ijambo ry'Imana.

**Dick Woodward**
**Umushumba n'Umwanditsi w'Inyigisho zo mu Ishuri Rito rya Bibiliya.**

## KUYOBORA ITSINDA RYIGA BIBILIYA

Ishuri Rito rya Bibiliya ryateguye iri sesengura ry'ibitabo by'ibanze bya Bibiliya. Inshingano yawe nk'umuyobozi ni ukuyobora itsinda uyobora kugira ngo ryige izi nyigisho kandi rikore n'imikoro, ubafasha gusobanukirwa ukuri, kumenya amahame azahoraho iteka ryose, kandi icy'ingenzi cyane, bakabishyira mu bikorwa mu buzima bwabo. Iri n'isesengura ry'inyigisho rizafata amezi agera kuri atatu kandi ryagenewe kutaba isomo gusa. Iyi nyigisho ni igice cy'igena migambi ryo kuguha ibikoresho byo kukwigisha no kugukuza ndetse no gufasha itorero ryawe gukura mu mwuka no kwiyongera kw'abantu.

Kugira ngo tugufashe, tuguhaye ibi bikoresho:

- Uyu muyoboro w'umuyobozi
- Forumireri za raporo
- Amajwi y'igitabo cya Luka na Yohana (Inyigisho z'amajwi zo mu Isezerano Rishya 19-30)
- Agatabo mfashanyigisho k'igitabo cya Luka na Yohana
- Ibitabo bitandukanye bifasha abigishwa mbere yo kwiga isomo.

**Mbere y'Isomo**

- Urasabwa gutangira gutumira abantu ngo baze musangire iri funguro ryiza ry'umwuka. *"Nuko mujye munzira nyabagendwa, abo muribuboneyo bose mubahamagare baze batahe ubukwe. Abo bagaragu barasohoka bajya mu nzira, bateranya abo babonye bose, ababi n'abeza, inzu yo gucyurizamo ubukwe yuzura abasangwa."* (Matayo 22:9-10)
- Itegure usengera abari bwitabire. Nibigushobokera ubasengera uvuga izina rya buri umwe. Imana yonyine niyo yahindura imitima y'abantu, kandi isengesho nicyo gikoresho gikomeye cyane. *"Abacira umugani wo kubigisha ko bakwiriye gusenga iteka ntibarambirwe."* (Luka 18:1)
- Shaka abagufasha. Ntugerageze gukora byose wenyine. Shaka umuntu umwe cyangwa babiri bagufasha kuririmba, gucuranga, kwakira no kwicaza abantu, no kwandika abitabiriye.
- Usesengure inyigisho maze usobanukirwe intego yayo.
- Imenyereze iyi nyigisho; uyumve, uyisome, kandi usome buri nyigisho ndetse ufate mu mutwe ibyanditswe birimo byose mbere y'uko isomo ritangira.
- Witondere kumenya ko ibikenerwa yose bihari mbere y'uko buri somo ritangira.
- Urebe niba icyumba cyo kwigiramo gihagije kandi giteguye neza mbere y'uko isomo ritangira.

**Isomo ririmo gutangwa**

**(Witondere kumenya ko isomo ritarenza isaha imwe n'igice)**

- Wakire kandi usuhuze buri muntu wese uza. Uribuka ukuntu ari byiza iyo wakiriwe? Akira abantu bose mu izina ry'Imana. Ugire umuntu ushinga kwakira abantu kandi uhuze abantu niba badasanzwe baziranye.
- Mujye mutangirana kuramya no gusenga Imana, musaba Imana kugira ngo ibafashe gusobanukirwa no gushyira mu bikorwa ijambo ry'Imana mu buzima bwanyu.
- Muvuge icyanditswe mutagisoma muri Bibiliya.
- Mwumve inyigisho y'amajwi.
- Mukoreshe igitabo cyunganira inyigisho kandi cyandikwamo, usaba abantu ngo babiganiremo intego ari

ugushyira mu bikorwa. Twizeye ko ibibazo biributume

- habaho ikiganiro cyiza ndetse no gusobanukirwa bituma habaho gushyira mu bikorwa ibyizwe. Iba itsinda rirenze abantu icumi, byaba byiza uriciyemo amatsinda matoya y'abantu nka batatu cyangwa bane kugira ngo habeho ibiganiro byiza. Ukomeze kugenzura igihe kandi witwararike kugira ngo ikiganiro kidatambikira kikava ku nsanganyamatsiko y'inyigisho ndetse no kwiga ijambo ry'Imana.
- Ushimire abantu bose ko bitabiriye kandi ubashishikarize kuzaboneka mu isomo ry'ubutaha.
- Ubashishikarize gutumira abandi kuzaza kwiga Ijambo ry'Imana.
- Ubashishikarize gufata mu mutwe ibyanditswe byo mu isomo rya buri cyumweru.

**Nyuma ya buri somo**

- Kusanya ibitabo by'inyigisho byose.
- Tegura icyumba neza. Usige icyumba gisa neza kurusha uko wasanze hasa.
- Andika muri forumireri za raporo kandi uzibike.

Niba murimo guteranira mu rugo rw'umuntu, ufata

- umwanya umushimire ko yabakiriye iwe.

**Amabwiriza y'umwihariko yo kwigisha abigishwa badasoma kandi batandika, ahubwo bumva.**

Ni ingenzi kuzirikana abadashobora gusoma no kwandika kandi bakabika ubumenyi bitandukanye natwe abize. Abakoresha amatwi gusa iyo biga, biga batega amatwi kandi bavuga ibyo bumvise. Kutiga ntabwo yari imbogamizi mu gihe cya Yesu. Ni byiza kwibuka ndetse tukabwira abari mu ishuri ryawe ko abenshi mu bigishwa ba Yesu ndetse n'abenshi mu bantu ba mbere bamamaje ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo batari bazi kwandika no gusoma.

Hari ukuntu abantu bakoresha amatwi kwiga bafite ubushobozi bukomeye bwo kwiga ibyo bumva kurusha twebwe abagomba kugira icyo twandika kugira ngo tuzashobore kwibuka. Nuko rero, ugomba gufata igihe ukemerera abigishwa kumva inyigisho n'ibyanditswe bafashwe ku majwi, muhagarika ndetse munasubiza inyuma kugira ngo murusheho gusobanukirwa igice mutasobanukiwe, maze unabahe

umwanya wo gusubiza ibibazo. Iyo abiga bakoresheje amatwi gusa bashoboye gusubiramo ibyo bumvise kandi bize mu magambo yabo, biba bivuze ko basobanukiwe amahame neza. Nuko rero, ugomba gukoresha ibibazo byagennwe kugira ngo uyobore icyo gihe cyo kwiga kuko bifasha mu gikorwa cyo kwiga. Ugomba kubaza ibibazo uvuga cyane kandi ugashishikariza buri wese gufatanya n'abandi. Ibi bizaafasha gusobanukirwa ijambo ry'Imana mu buryo bwimbitse ndetse no kugirana ukomeye n'Umwana w'Imana, Yesu Kristo.

## Gahunda ya Mesiya

### Igice cya 1
### Isomo ry'Amajwi: Isezerano Rishya #19

Intego: Kuvuga umwanditsi, intego, n'inyigisho nkuru zo mu Butumwa bwiza bwanditswe na Luka.

*"Umwuka w'Uwiteka ari muri jye, nicyo cyatumye ansigira, kugira ngo mbwirize abakene ubutumwa bwiza. Yantumye kumenyesha imbohe ko zibohorwa, n'impumyi ko zihumuka, no kubohora ibisenzegeri, no kumenyesha abantu iby'umwaka Umwami agiriyemo imbabazi."* —Luka 4:18-19 (Yesaya 61:1-2)

Ubu tumaze kwiga igitabo cya Matayo, noneho tugiye gukomereza mu bindi bitabo by'ubutumwa bwiza, ariko ntabwo turibwige igitabo cya Mariko, kuko ibiri mu gitabo cya Mariko byose biri no mu bindi bitabo by'ubutumwa bwiza uko ari bitatu. Ubu rero tugiye guhera ku butumwa bwiza bwanditswe na Luka, umugabo wari wize cyane, yari umuganga kandi yagendanye na Pawulo maze amenya iby'ubuzima bwa Kristo abumenyeshejwe n'ababanye na Kristo. Ntabwo yari mu mu ntumwa 12, biranashoboka ko atari Umuyuda. Yari Umugiriki kandi ubutumwa yanditse yabwandikiye Tewofilo- risobanuye ngo "umukunzi w'Imana", nawe yari Umugiriki. Luka yari umwanditsi w'umuhanga maze yandika neza amateka y'ukuntu byagenze.

Ubutumwa bwanditswe na Luka bukundwa cyane n'abantu benshi kuko Luka agaragaza Mesiya ashimangira ubumuntu bwa Kristo nk'Imana yigize umuntu. Agaragaza impuhwe za Kristo n'ukuntu yisanishije natwe. Ubutumwa bwa Luka bwose tububonamo ubumuntu bwa Kristo.

Ubutumwa bwa Luka bufite umwihariko wabwo. Mu migani

ya Yesu myinshi, nk'inkuru y'Umwana w'Ikirara n'Umusamariya Mwiza zisangwa mu butumwa bwiza bwanditswe na Luka gusa. Luka niwe utubwira byinshi ku mavuko n'ubuto bwa Yesu kurusha abandi banditsi b'ubutumwa bwiza. Luka adusobanurira neza ndetse akaduha ishusho ya Yesu Kristo idufasha kumenya neza Umwana w'Imana n'Umwana w'Umuntu uko yari, n'uko ari ubu. Luka kandi atubwira iby'umurimo Yesu yaje gukora mu isi.

1. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Luka yari mu ntumwa 12 za Yesu.
2. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Luka ntabwo yanditse igitabo cy'ubutumwa bwiza gusa, ahubwo yanditse n'igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa.
3. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Luka ntabwo yari yarize cyane, kandi ibyo yanditse bigaragaza atari umunyamateka mwiza.
4. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Yesu yavuze mu mvugo isobanura umugambi we ko yaje kubwiriza abakene ubutumwa bwiza, kubohora ibisenzegeri, no guhumura impumyi, ariko kandi ntabwo ibyo bintu yigeze abikora.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe gusa cya buri kibazo.

5. Huza ibi bitabo by'ubutumwa bwiza n'icyo umwanditsi yibanzeho avuga Yesu.

| | |
|---|---|
| a) Matayo **(3)** | 1.Yavuze ko Yesu nk'umugaragu |
| b) Mariko**(1)** | 2.Yavuze ko Yesu ari Imana |
| c) Luka **(4)** | 3.Yavuze ko Yesu ari Umwami |
| d) Yohana **(2)** | 4.Yavuze ko Yesu yari umuntu |

6. Ni bintu ki bindi byaranze umurimo wa Yesu Luka ashimangira iyo yandika? (hitamo ibyo ubona ko ari ibisubizo byose)
   a. Urubanza rw'Imana
   **b. Gukira kw'indwara**
   **c. Ibibazo by'abantu**
   d. Ibibwirizwa birebire
   **e. Umwuka Wera**
7. Umwuka wari muri Yesu yari agamije gukora iki?
   **a. Gukiza, kubwiriza, no kubohora abantu.**
   b. Kongera abantu amafaranga no kuzamura imibereho yabo.
   c. Kubohora imfungwa za politike.
   d. Gutangiza impinduramatwara.
8. Yesu yabwiye iki umugabo wacishijwe n'abagabo mu gisenge cy'inzu bakamumanurira aho Yesu yari?
   a. Yarabacyashye abahora gusenya igisenge cy'inzu.

b. Yababwiye ko bagomba gutegereza kugeza ubwo bagerwaho.
**c. Yamubabariye iyaha bye, arangije aramukiza.**
d. Yamubwiye ko agomba kubanza akihana, yarangiza akaba ari bwo abona kumukiza.

9. Kuki Yesu yakijije wa mugabo wamanuriwe mu gisenge cy'inzu?
   a. Kugira ngo agaragaze ko yari abitayeho kandi yashakaga gukiza abantu bose.
   b. Kugaragariza inshuti ze ko zari zakoze ikintu cyiza.
   c. Mu by'ukuri, yatumye bigaragara nk'igitangaza, nyamara umugabo ntabwo yari yaguye ikinya.
   **d. Kugira ngo agaragaze ko ari Imana ndetse ko yari afite ubushobozi bwo kubabarira ibyaha.**

Ni bintu ki byo mu murimo wa Yesu- nko gukiza, kubwiriza, no kubohora imbohe, ubona ko ukeneye cyane ubu? Haba hariibyo uzi ko ukeneye kubohorwamo maze ukabishyira imbere y'Imana? Haba hari igice cyo mu buzima bwawe gikeneye gukira? Haba hari ikintu runaka cyo mu bushake bw'Imana n'inzira z'Imana ubona ukeneye kumenya cyane?

Niba bihari, ni ibihe?

_____
_____
_____

Haba hari umuntu ukeneye gushudika kugira ngo umuzane kuri Kristo? Ni nde?

_____
_____
_____

Imana ishimwe ko yohereje Yesu kugira ngo igirire impuhwe ubwoko bwayo no kugira ngo ababohore mu bubata bw'ibyaha, indwara, n'umwijima. Saba Imana kugira ngo igushoboze kuyimenya birushijeho binyuze muri iyi nyigisho yo mu butumwa bwiza bwanditswe na Luka na Yohana. Na none usabe Yesu kukumara ubukene nk'uko ubushake bwe buri ndetse agushoboze kumara abandi ubukene mu izina rye.

**Kujya Imuhengeri**

1. Nyuma yo kwamamaza gahunda ye (Luka 4:18), Yesu yemeje ate iyo gahunda muri Luka 5?

   _____
   _____
   _____

2. Ni buryo ki Yesu yasohoje gahunda ye, kandi abakene yabwirije ubutumwa bwiza ni bande?

   _____
   _____

_____

3. Ni buryo ki Yesu yashishikarije abandi gufatanya nawe gushyira mu bikorwa gahunda ye?

   _____
   _____
   _____

4. Mbese ibihe Yesu yatangiyemo ikiganiro cy'ibyazimiye byo mu gice cya 15 bigaragaza bite uko yahize abantu kugira ngo bafatanye nawe gusohoza umugambi we?

   _____
   _____
   _____

5. Umugani w'igisonga gikiranirwa (Luka 16) ni gute ari ikimenyetso cyiza cy'umuntu wemera ubutumire bwo gufatanya na Yesu muri gahunda ye?

   _____
   _____
   _____

6. Mbese inkuru y'Umutunzi na Razaro ni gute ari ikimenyetso kibi cy'uko kuri?

   _____
   _____
   _____

7. Ni buryo ki Luka agaragaza ubumuntu bwa Yesu, kuko yari Umuntu kandi akaba Imana?

   _____
   _____
   _____

**Kuroba Abantu**

**Igice cya 2**

**Inyigisho y'Amajwi: Isezerano Rishya #20**

Intego: Kurushaho gusobanukirwa ubutumwa bwanditswe na Luka, gusobanukirwa ubutumire bwa Yesu bwo gufatanya nawe mu murimo we, no gusobanukirwa imigani itatu yo muri Luka 15.

*"Yesu abwira Simoni ati, witinya, uhereye none uzajya uroba abantu. Bamaze kugeza amato yabo ku nkombe, basiga byose baramukurikira."* Luka 5:10-11

*"Twishimane kuko mbonye intama yanjye yari yazimiye. Ndababwira yuko mu ijuru bazishima batyo kubwo umunyabyaha umwe wihannye, kumurutisha abakiranuka mirongo urwenda n'icyenda badakwiriye kwihana."* Luka 15:6-7

Yesu avuga umugambi we cyangwa icyamuzanye mu isi mu gice cya kane, agihamya mu gice cya gatanu, hanyuma agashyira mu bikorwa mu bindi bice byose byo mu gitabo cya

Luka. Yesu yakomeje kwigisha no guhugura abigishwa be ndetse anashishikariza abandi kugira ngo bafatanye nawe muri uwo mugambi we.

Urugero rwa mbere rwiza ni ukuntu yahamagaye Simoni, amwita Petero, maze amusaba ko yamukurikira maze akaba "umurobyi w'abantu." Yesu yarimo kwigishiriza ku nkombe y'ikiyaga ahagaze mu bwato bwa Petero. Arangije kubwiriza, yabwiye Petero kwigiza ubwato bwe imuhengeri maze akajugunya inshundura ze mu kiyaga, nubwo Petero yari yamaze ijoro ryose ariko ntiyagira icyo afata. Petero yumviye maze inshundura ze zikuzura amafi, yamenye ko umurobyi nyakuri ari Yesu, ko Yesu yagera kubyo ashaka byose akoresheje abagaragu be. Yesu yagaragaje umugambi we wo gushaka no gukiza abazimiye mu migani itatu yo muri Luka 15. Nk'uko umwungeri ashaka intama yazimiye, nk'uko umugore ahska igiceri cyazimiye, ndetse nk'uko umugabo ashaka umwana we wazimiye, Yesu nawe yazanywe no gukiza abanyabyaha no kubazana mu bwami bwe. Yesu asaba buri muntu kuza kwifatanya nawe muri uwo murimo maze agasangiza ubutumwa bwe bwiza abazimiye.

1. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Yesu ntabwo akeneye abantu bafatanya nawe mu murimo we. Agomba kuwikorera wenyine.
2. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Yesu yatoranyije Petero ngo amukurikire kuko Petero yari afite ubushobozi buhagije kandi yari mukuru mu mwuka.
3. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Iyo tugerageje kuzana umuntu kuri Kristo, tuba turimo kugerageza gukora ibidashobokera umuntu.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

4. Yesu arashaka kudukoresha murimo ki?
   **a) Umurimo nkuwo yakoze ku isi.**
   b) Uwahsobokera abantu gusa.
   c) Kwigisha ukuri kwe gusa, ariko nta gukiza cyangwa kubohora abantu.
   d) Nta n'umwe muri iyo yose.
5. Kuki Petero yashoboye gufata amafi ubwo Yesu

yamubwiraga kujugunya inshundura ze mu mazi?

a) Kuko yari umurobyi w'umuhanga utarashoboraga kunanirwa gufata amafi.
b) Kuko yari asobanukiwe ikiyaga n'imihengeri yacyo.
c) Kuko atajyaga acika intege n'iyo yabaga yarushye.
**d) Kuko Yesu yari kumwe nawe.**

6. Twuzura dute Umwuka w'Imana?
   a) Iyo twiyirije ubusa ndetse tugatekereza ku ijambo ry'Imana kumara iminsi 40.
   **b) Iyo tweguriye Imana uugingo bwacu burundu.**
   c) Dufata mu mutwe ibyanditswe byinshi kugira ngo tubivuge mu bihe bitandukanye.
   d) Iyo tudakora ibyaha bitewe no kumvira amategeko.
7. Kuba Yesu yarinjiye mu bwato bwa Petero ni ishusho y'ubuzima bwacu kuzura Umwuka Wera. Kuzura Umwuka Wera bivuze iki?
   a) Kuroba abantu benshi.
   b) Kuvuga mu ndimi z'Umwuka.
   c) Gukora ibitangazaWe can perform miracles.
   **d) Kuyoborwa n'Umwuka.**
8. Imana ifata ite abanyabyaha?
   a) Nk'abanzi bayo
   b) Nk'abantu badafite ibyiringiro byo gucungurwa.
   **c) Nk'intama zazimiye.**
   d) Nk'abantu badafite agaciro mu bwami bwayo.
9. Kuki abayobozi b'idini benshi banenze Yesu ko yasangiye n'abanyabyaha?
   a) Bari bahangayikishijwe n'ubuhamya bwe.
   b) Bari bahangayikishijwe n'umutekano we.
   c) Bagize ishyari kuko batatumiwe mu birori.
   **d) Ntabwo basobanukiwe umurimo we wo gushaka abazimiye.**
10. Ni nde Yesu yemerera gukora umurimo we?
    **a) Umwizera wese.**
    b) Abimitswe nk'abatambyi n'abakozi b'Imana gusa.
    c) Abafite amashuri akwiriye bonyine.
    d) Abakiranuka gusa bubahirije amategeko y'Imana yose.
11. Ni kuri ki Petero yamenye? (Hitamo ibyo ubona ko ari ibisubizo byose)
    **a) Ntabwo ari jye murobyi w'abantu, ahubwo ni Yesu.**
    **b) Ntabwo nashobora kuroba abantu, ariko Yesu arabishooye.**
    **c) Ntabwo nshaka kuba umurobyi w'abantu, nyamara Yesu arashaka ko muba.**
    **d) Ntabwo nigeze ndoba abantu, ariko Yesu niwe wabikoze kuko yari kumwe nanjye.**

Ni buryo ki bamwe mu bigishwa ba Yesu bagufashije? Ni buryo ki nawe wafasha abandi? Yesu aracyahamagara ndetse aracyashaka abazimiye; yaba yarakubonye?

_____

_____

_____

Waba waramenye ukuri k'uburyo bune Petero yamenye? Yesu

aracyaduhamagara kugira ngo dufatanye nawe mu murimo wo kuroba abantu. Mbese wamwakira mu “bwato” bwawe- mu buzima bwawe?

_____
_____
_____

Imana ishimwe ko yohereje Yesu Kristo kugira ngo ashake kandi akize abazimiye. Saba Yesu kugira ngo akuyobore ubwo ushaka gufatanya nawe mu murimo we no kugira ngo aguhe amahirwe yo kubwiriza abandi ubutumwa bwiza.

**Kujya Imuhengeri**

1. Ushingiye ku kuntu handitse muri Luka 5:1-11, kuki Yesu yabwiye Petero ngo atagira ubwoba kuko yari amubwiye ko azajya aroba abantu?

   _____
   _____
   _____

2. Petero yatinye iki, kuki yabwiye Yesu kugenda akamubisa?

   _____
   _____

   _____

3. Wasanisha ute iyi nkuru yo muri Luka 5:1-11 na Matayo 4:19, no ku mirongo ya 19 na 20 y’igice cya gatatu cy’igitabo cy’Ibyahishuwe?

   _____
   _____
   _____

4. Ni buryo ki amagambo abiri Yesu yabwiye Petero, ngo “Roba abantu,” asobanura mu ncakamake Ugutumwa gukuru kwa Yesu, gutangwa ku musozo wa buri gitabo cy’ubutumwa bwiza no ku itangiriro ry’igitabo cy’Ibyakozwe n’Intumwa?

   _____
   _____
   _____

5. Ni mahame ki ane y’umwuka Petero yogombye kubanza kwiga mbere yuko aba umurobyi w’abantu?

   _____
   _____
   _____

6. Waba warize cyangwa urimo kwiga ayo mahame ane y’umwuka?

   _____
   _____
   _____

7. Iyo wibutse ko Yesu yaje guhuura impumyi, kubohora imbohe n’ibisenzegeri kandi nawe yari afite umubiri, wibwira ko ashaka ate gufasha abo bantu akoresheje jyewe nawe n’abagize umubiri we wose muri iki gihe?

   _____

**Umutunzi, Umukene, Usabiriza, Umujura**

**Igice cya 3**
**Inyigisho y'Amajwi: Isezerano Rishya #21**

Intego: Kurushaho gusobanukirwa Ubutumwa bwiza bwanditswe na Luka, gahunda ya Mesiya, n'imigani ibiri y'abagabo b'abatunzi yo muri Luka 16.

*"Ukiranuka ku cyoroheje cyane, aba akiranutse no ku gikomeye. Kandi ukiranirwa ku cyoroheje cyane, aba akiraniwe no ku gikomeye. Niba mutakiranutse mubikijwe ubutunzi bubi, ni nde uzababitsa ubutunzi bw'ukuri? Kandi niba mutakiranutse ku by'abandi mubikijwe, ni nde uzabaha ibyo mwitegekaho?' Nta mugaragu ucyeza abami babiri, kuko aba ashaka kwanga umwe agakunda undi, cyangwa yaguma kuri umwe agasuzugura undi. Ntimubasha gukeza Imana n'ubutunzi."* Luka 16:10-13

Yesu yaciye imigani ibiri y'abatunzi yo muri Luka 16 akenshi abantu bajya bumvirana. Iyi migani yombi igomba kureberwa mu gihe n'imibereho yari ihari ubwo Yesu yacaga imigani y'ibyazimiye yo mu gice cya 15.

Yesu yaciriye abigishwa be iyi migani yombi, ariko bigaragara ko yari yagennye no kuyibwira Abafarisayo nabo. Umugani wa mbere witwa "Umugani w'Igisonga gikiranirwa" wagira ngo ni urugero rubi, ariko ni inkuru nziza igaragaza gufatanya na Kristo mu murimo we, gahunda yatangarije i Nazareti. Inkuru ya kabiri, "Umutunzi na Razaro," ni inkuru ibabaje igaragaza umuntu wari utandukanye cyane n'abo Yesu yashakaga ko bamufasha umurimo wamuzanye ku isi.

Hari inyigisho ebyiri twakura muri iyi migani: Iya mbere twiga ni uko iyo turi mu isi tuba turi ibisonga by'ibyo twahawe n'Imana byose kandi byose tugomba kubikoresha neza kugeza iteka ryose. Inyigisho ya kabiri tubonamo ni uko iyi migani itwigisha kwita kuri buri muntu wese tubonye yaba ari impumyi, ibohe, n'ibisenzegeri kuko ari bo bazanye Yesu ku isi. Tugomba kubona abantu bo muri iyi si nk'intama yazimiye, ibiceri byazimiye ndetse n'abana bazimiye. Nk'uko Lazaro yari yicaye ku irembo ry'urusengero, niko n'abazimiye, abatizera bicaye ku marembo y'urusengero. Niba tuzi yuko Kristo uturimo ashaka gukiza abo bantu ari twe akoresheje, tugomba

kuba igisibuzo cye maze tubashyire ubutabazi bakeneye muri ubu buzima ndetse n'iteka ryose.

1. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Yesu adusaba kimwe mu icumi cy'ubuzima bwacu gusa. Ubundi bwose nitwe tubugenga.
2. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Yesu yavuze ko kugira ngo tube ibisonga bikwiriye, hari ubwo byadusaba guhemukira abandi bantu.
3. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Imana ishaka ko dutegura neza ubugingo bwacu, tutabutegurira gusa ubuzima bwo mu isi, ahubwo tubutegurira n'ubuzima bw'iteka ryose.

4. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Yesu yavuze ko ubutunzi ari bubi ndetse avuga ko abayoboke be bagomba kubutanga bwose.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

5. Iyo Yesu yigisha ku kuba igisonga cyiza, ni bice ki by'ubuzima bwacu aba avuga?
   a) Icumi ku ijana ry'amafaranga yacu.
   b) Icumi ku ijana ry'ibyo dutunze byose.
   c) Amafaranga yose, igihe cyose n'impano zose tumuhera mu rusengero.
   **d) Ibyo Imana yaduhaye byose.**
6. Kuki tugomba gukoresha neza amafaranga yacu cyangwa amahirwe tubona yo kubona amafaranga?
   a. Kugira ngo biduheshe kujya mu ijuru.
   b. Kugira ngo tutikiza ubwancu gusa, ahubwo dukize n'abandi.
   **c. Kugira ngo ijuru, aho tuzaba iteka ryose, hazatubere heza.**
   d. Kugira ngo tube abatunzi.
7. Imana idusezeranya iki iyo tubaye abizerwa muri bikeya nk'amafaranga?
   a. Idusezeranya kuduha ubutunzi n'ibyishimo.
   b. Idusezeranya kuturinda akarengane n'iki cyose.
   c. Idusezeranya ingororano nyinshi hano ku isi no mu ijuru.
   **d. Idusezeranya kuduha ubutunzi nyakuri, ubutunzi bwo mu mwuka.**
8. Wabimenya ute ko amafaranga yakubereye umwami cyangwa imana?
   a. Urayahangayikira cyane ndetse ukamara umwanya muremure wita kubyo utunze.
   b. Ntabwo ukora ibyo ugomba gukora kuko uba urimo gushaka andi menshi.
   c. Birakugora cyane gutanga amafaranga.
   **d. Ibyo byose.**
9. Umugani wa Lazaro n'umutunzi utwigisha iki?
   a. Abatunzi bararibuka maze abakene bakajya mu ijuru.
   **b. Gufatanya na Yesu mu murimo we birimo no kugirira abantu impuhwe nyinshi.**
   c. Birashoboka ko umuntu yakizwa nyuma yo gupfa.

d. Nitugera mu ijuru ntabwo tuzibuka iby'ubu buzima.

10. Yesu yavuze ko abamwizeye babaho buzima ki akoresheje umugani w'Umusamariya Mwiza?
    a. Ibyange ni ibyange, nawe ibyawe ni ibyawe.
    b. Ibyange ni ibyange, ni ibyawe nabyo ni ibyange.
    c. Ibyange ni ibyawe, kandi ibyawe ni ibyange.
    **d. Ibyawe ni ibyawe, kandi ibyange ni ibyawe igihe cyose ubikeneye.**
11. Iyo dukurikiye Yesu, ni mpuhwe ki tugomba kugirira abantu?
    a. Umpuhwe zo mu mwuka gusa- tubasengera.
    b. Impuhwe zo kubamara ubukene bwabo-tubaha ibyo bakennye.
    **c. Buri mpuhwe zose- tugerageza kubamara ubukene bafite bwose.**
    d. Nta mpuhwe tugomba kubagirira. Abababaye baba bahura n'ingaruka z'ibyaha byabo, kandi ntabwo tugomba kwitambika iyo gahunda.
12. Ni ibihe muri ibi ugomba kwitaho mu bwizerwa? (Hitamo ibyo ubona ko ari ibisubizo byose)
    a. Igihe cyawe
    b. Ingabire zawe
    c. Ubutunzi bwawe
    d. Umuryango wawe
    e. Amashuri wize
    f. Akazi kawe
    g. Amarangamutima yawe
    h. Ubuzima bwawe
    i. Umwanya wawe mu kazi
    J. Imigambi yawe
    k. Ubushobozi bwawe
    l. Ibitecyerezo byawe

Amafaranga ni umwami ugoranye kandi ubeshya. Ni buryo ki wakwemerera Imana ikakubera Umwami?

_____

_____

_____

Ni buryo wagaragariza impuhwe abakene? Ni buryo ki urimo gufatanya na Yesu mu murimo we wo kwigisha, gukiza no kubohora?

_____

_____

_____

Imana ishimwe kubw'impuhwe yatugiriye itumara ubukene bwacu ndetse idukiza ibyaha byacu. Yisabe kugira ngo ikumare ubukene bwose waba ufite nk'uko ubuntu bwayo buri, kandi uyisabe kugira ngo iguhe amahirwe yo kugira uruhare mu mugambi n'umurimo wa Yesu, kandi ugaragarize impuhwe abakene.

**Kujya Imuhengeri**

1. Ni gute washyira mu bikorwa ubusobanuro bw'ijambo "ubusonga" mu butumwa dukura mu mugani w'igisonga gikiranirwa wo muri Luka 16?

   _____

_____
_____

2. Ni buryo ki ubutumwa buri muri uyu mugani buvuga ibirenze amafaranga yawe gusa?
_____
_____
_____

3. Ni butumwa ki bukomeye Yesu yigisha muri iyi nkuru?
_____
_____
_____

4. Ubutunzi nyakuri Yesu atubwira ko tutazahabwa nitutaba ibisonga byiza by'amafaranga n'ibindi byose uyu mugani uvuga?
_____
_____
_____

5. Ni nshuti ki tugomba kugira mu buzima buzaza nituba ibisonga byizerwa by'amafaranga yo muri ubu buzima?
_____
_____
_____

6. Uyu mugani waba wigisha ko gutunga ari icyaha, cyangwa wigisha ko atariicyaha? Sobanura.
_____
_____
_____

7. Uyu mugani twawugereranya dute n'inkuru y'umutunzi na Lazaro?
_____

_____
_____

**Gutekereza Kuri Noheli**

**Igice cya 4**
**Inyigisho y'Amajwi: Isezerano Rishya #22**

Intego: Gusobanukirwa igitangaza cya Noheli ya mbere- amavuko ya Yesu no gutegurira imitima yacu kwakira Yesu nagaruka.

"*Muri icyo gihugu harimo abungeri bararaga ku gikumba, bahindana kurinda umukumbi wabo. Nuko marayika w'Umwami Imana abahagarara iruhande, ubwiza bw'Umwami burabagirana bubagota impande zose bagira ubwoba bwinshi. Marayika arababwira ati "Mwitinya, dore ndababwira ubutumwa bwiza bw'umunezero mwinshi uzaba ku bantu bose, kuko uyu munsi Umukiza abavukiye mu murwa wa Dawidi, uzaba Kristo Umwami."* Luka 2:8-11

Dushingiye ku byanditswe na Luka, tubona ko igihe Imana yahinduraga amateka y'isi ikaba umuntu, hari abantu yahamagaye kugira ngo bayufashe mu gitangaza cyayo gikomeye cyane. Yatumye malayika kubwira Zakariya n'umufasha we ko bazabyara umwana w'umuhungu uzategura kuza kwa Mesiya. Yatumye malayika kubwira umwangavu w'isugi witwaga Mariya, ko azabyara Mesiya. Mu ijoro Yesu yavukiyemo, Imana yatumye abamarayika kubwira abungeri ngo bajye kureba umwami wavutse. Aba bantu bose babonye igitangaza gikomeye cyane cyabaye mu mateka y'isi. Igitangaza cya Noheli ni uko Imana yabaye umuntu kugira izanire agakiza inyoko muntu.

Isezerano rya Kera n'Irishya atubwira ko Yesu azongera agahindura amateka y'isi mu gitangaza cyo kugaruka kwa Yesu Kristo. Nk'uko Noheli ya mbere yatubereye ibyiringiro byonyine by'agaiza kacu, kugaruka kwe ni byo byiringiro by'umugisha ku itorero n'ibyiringiro byonyine iyi ifite. Tugomba gukurikiza urugero rw'abungeri maze tukabwira abantu bose inkuru nziza mbere yuko tubyibonera ukwacu.

1. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Yohana Umubatiza niwe muhanuzi wa nyuma mu bahanuzi bose bahanuye kuza kwa Mesiya.
2. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Zakariya amaze kumva itangazo rya Gaburiyeli ko Yohana azavuka, yizeye Imana ndetse aranezerwa cyane.
3. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Mariya yumvise itangazo rya Gaburiyeli ko Yesu azavuka, yarabyizeye ariko kandi ayoberwa uko bizagenda.
4. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Imana ntabwo ijya itwemerera gushidikanya ibyo ivuga, ahubwo idusaba kubyizera tukibyumva, kwizera utabonye.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe gusa cya buri kibazo.

5. Ni iki Umuhanuzi wo mu Isezerano rya Kera, Mika yahanuye kuri Yesu?
   **a.Aho azavukira**
   b.Igihe azavukira
   c.Uko azavuka
   d.Uzamubyara
6. Ushingiye ku byavuzwe n'abamarayika babwiye abungeri

ibyo kuvuka kwa Yesu, bavuze ko Yesu yavukiye nde?

a) Abayuda
b) Abarwaye n'abatotezwa.
c) Abakiranutsi
**d) Abantu bose**

7. Yesu amaze kuvuka, abantu bari bazi ko ari Mesiya bangana ki?
   a) Abantu bose bo mu bwami bw'Abaroma.
   b) Abayuda bose, nta bandi bantu.
   **c) Abantu bakeya gusa.**
   d) Ababyeyi be gusa.
8. Ibyiringiro byonyine iyi si ifite ni ibihe?
   a) Kamere ya muntu ikomeje gutera imbere.
   b) Amateka atgaragariza ko twakira ibibazobyacu byose ari uko dufatanyije gukora.
   c) Siyanse ikomeje gutahura ibintu bikomeye bizadufasha gukemura ibibazo yacu.
   **d) Yesu aduha ubuzima bushya muri iki gihe kandi hari igihe azagaruka.**
9. Yesu azagaruka ryari?
   a. Azagaruka ari uko buri muntu wo ku isi amaze gukizwa.
   **b. Nta muntu uzi igihe, ariko tugomba guhora twiteguye.**
   c. Abanyatewologiya benshi bavuga ko azagaruka hamaze kubaho igihe cy'akababaro kenshi.
   d. Abanyatewologiya benshi bavuga ko azagaruka mbere y'igihe cy'akababaro kenshi.
10. Ni bantu bo mu nkuru ya Noheli batubera ibyitegererezo byiza byo kubwira abandi inkuru nziza? (Hitamo ibyo ubona ariukuri byose)
    a) Zakariya
    **b) Abungeri**
    **c) Simoni**
    d) Mariya

Waba urimo kubwira abandi bantu ibyiringiro dufite tubitewe na Noheli? Waba witeguye kugaruka kwa Yesu? Kuki witeguye cyangwa se kuki utiteguye? Wakora iki kugira ngo witegure kugaruka kwe?

_____

_____

_____

Imana ishimwe ko yahaye isi ibyiringiro muri Kristo. Saba Imana kugira ngo iguhe gushirika ubwoba maze ubwire abandi ibyo byiringiro. Saba Imana igushoboze kwitegura kugaruka kwa Yesu ndetse inagushoboze kubwira abandi bantu ibyo kugaruka kwe.

**Kujya Imuhengeri**

1. Dushingiye ku munyamateka Luka, utekereza ko ari iki cyatumye Imana ibwira buri muntu yashyize mu nkuru ya Noheli ya mbere inkuru nziza yuko igitangaza cya mbere cya Noheli ya mbere cyari kigiye kuba?
   _____
   _____
   _____
2. Abo bantu bose ni iki bari bahuje? Abungeri bari batandukaniye he n'abandi?
   _____
   _____
   _____
3. Ibi twabisanisha dute n'ukuri kwiza ko Imana izongera guhagarika amateka ubwo Kristo azagaruka ari ko kuza kwe kwa kabiri?
   _____
   _____
   _____
4. Uhuza ute "Noheli yabaye," na "Noheli izaba," na Noheli iriho ubu"?
   _____
   _____
   _____
5. Iyo bigeze kuri Noheli izaba, mbese nawe umera nka Zakariya, nka Mariya, cyangwa nka Abungeri? Sobanura igisubizo utanze.
   _____
   _____
   _____
6. Ni gute "Noheli izaba" ari yo byiringiro by'isi byonyine?
   _____
   _____
   _____
7. Ni gute "Noheli izaba" ari yo byiringiro by'umugisha ku itorero?
   _____
   _____
   _____

**Imitekerereze ya Gikristo**

**Igice cya 5**
**Inyigsho y'Amajwi: Isezerano Rishya #23**

Intego: Kumenya uko inyigisho za Yesu ziduhindura no kumenya gutekereza nk'umuyoboke wa Yesu.

"*Ni cyo gitumye nubwira yuko ababariwe bya byaha bye byinshi, kuko yagize urukundo rwinshi. Ariko ababarira bike, akunda buke. Abwira umugore ati, ubabariwe ibyaha byawe."* Luka 7:47-48,

*"Ufite amatwi yumva niyumve*." Luka 8:8

"*Musabe muzahabwa, mushake muzabona, mukomange ku rugi muzakingurirwa. Kuko umuntu wese usaa ahabwa, ushatse abona n'ukomanga akingurirwa."* Luka 11:9-10

Imigani ya Yesu myinshi itwigisha uko twasobanukirwa n'uko twakira inyigisho ze. Yesu yakoreshaga imfasha nyigisho zo mu buzima bwa buri munsi abamwumvaga basobanukirwa neza zibereka ko inyigisho ze zitandukanye n'ibyo bashaka kumva cyangwa zitemeranya n'inyigisho z'abakuru b'idini bo muri icyo gihe. Nyamara abenshi mu bakuru b'idini banze inyigisho ze kandi barwanya umurimo we. Yesu akoresha imfasha nyigisho nyinshi n'ingero nyinshi, nka vino nshya mu mifuka mishya cyangwa agitambaro gishya cyo gutera ikiremo ku imyenda kugira ngo atwereke uko twakumva ndetse tukumvira ijambo rye. Inyigisho za Yesu zagenewe guhindura imitekerereze yacu, ubugingo bwacu, n'indangagaciro zacu.

1. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Igihe cyose Yesu yashimaga ndetse akubaha abanyadini n'imikorere yabo mu nyigisho ze.
2. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Inyigisho za Yesu iteka zitwotsa igitutu kugira ngo zihindure uko dutekereza n'uko dukora.
3. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Yesu yanze guhindura inyigisho ze kugira ashimishe abakuru b'idini.
4. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Hari inyigisho za Yesu nyinshi zitugora kumva no kumvira.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

5. Ni iyihe muri aya mashusho Yesu atigeze akoresha nk'imfasha nyigisho ye?
   a. Vino
   **b. Umuvure**
   c. Imbuto
   d. Ikiremo cy'umwenda
6. Kuki abakuru b'idini bashinjaga ibyaha Yesu na Yohana umubatiza?
   a) Kuko Yesu na Yohana batari abakiranutsi nkabo.

b) Kuko Yohana na Yesu bari abo mu biryango icirirtse cyane.
**c) Kuko inyigisho za Yesu n'iza Yohana ntabwo zahamanyaga n'iz'abakuru b'idini.**
d) Kuko Yohana na Yesu bataryaga ibiryo bimwe n'ibyabo ndetse batumvaga umuziki umwe n'uwabo.

7. Kuki umugore wogesheje ibirenge bya Yesu amarira ye yakundaga Yesu cyane?
   **a. Kuko yari azi ko yababriwe byinshi.**
   b. Yabanye na Yesu cyane kuburyo yari inshuti ye magara.
   c. Yatekerezaga ko namugarariza urukundo rwinshi hari ubwo yakizwa.
   d. Yesu yari yaramusezeranije kumugira ukomeye cyane no kumuha ubutunzi bwinshi.

8. Kuki Yesu yashyigikiye Mariya ubwo mukuru we Mariya yamucyahaga amuziza kutamufasha?
   a. Mariya yari yasoje akazi ke mbere ku buryo bitari ngombwa ko afasha Marita.
   **b. Mariya yari yahisemo icy'ingenzi cyane, ari cyo kutega amatwi Yesu.**
   c. Yabonye ko Marita yarimo kumwangiriza igihe kuko gufasha abandi atari ngomba cyane.
   d. Nubwo Marita yari mu kuri, yabwiye Mariya nabi.
9. Ni nde ufite akamaro cyane mu bwami bw'Imana kurusha undi?
   a. Ni abateye nka Mariya.
   b. Ni abateye nka Marita.
   **c. Nta wuruta undi, bose barakenerwa.**
10. Ni iki Yesu yigishije ku guhozaho usenga?
    **a. Tugomba guhozaho dusenga mu kwizera kuko ari bwo Imana idusubiza.**
    b. Twasaba inshuro nyinshi, ariko iyo Imana itadusubije mu cyumweru kimwe cyangwa bibiri, tugomba kumva ko yaduhakaniye.
    c. Tugomba gusaba Imana rimwe gusa ahandi tugategereza igisubizo.

Imana ishaka ko dukora iki iyo twumvise ijambo ryayo? Mbese bijya bikorohera kwemera ijambo ryayo nk'ukuri? Kuki bikorohera cyangwa bitakorohera? Ni iyihe nyigisho ya Yesu akugora cyane kwemera?

_____
_____
_____

Imana ishimwe kubw'ijambo ryayo n'ukuri ryatwigishije. Saba Imana kugushoboza kujya mu ijambo ryayo maze urishyire mu mutima wawe, ndetse igushoboze kuryumva neza no kurishyira mu bikorwa.

**Kujya Imuhengeri**

1. Ni butumwa ki dukura mu rugero rwa Yesu rw'uko inyigisho ze ari vino nshya noneho ibitekerezo byacu bikaba imifuka mishya? (Luka 5)
   _____
   _____
   _____
2. Ni butumwa ki ubona iyo ugereranyije Mariya na Marita? (Luka 10)
   _____
   _____
   _____
3. Tanga ingero z'ubutumwa ukura mu mugani w'inshuti yasuye mugenzi we mugicuku? (Usubiramo isengesho rimwe)
   _____
   _____
   _____
4. Ni butumwa ki ukura mu mugani w'abana bakinira mu bantu? (Luka 7)
   _____
   _____
   _____
5. Ni butumwa ki ukura mu rugero rwa Yesu rw'abagabo babiri barimo imyenda, umwe afite umwenda munini undi afite umwenda mutoya, ubwo bombi bababariwe imyenda yabo? Luka 7)
   _____
   _____
   _____
6. Kuki Yesu yashyigikiye Mariya igihe Marita yitotombaga ko ari we wakoze imirimo yo gutegurira Yesu wenyine igihe yabasuraga?
   _____
   _____
   _____
7. Ni butumwa ki bukuru bw'itorero bugaragara mu rugero rwa Mariya na Marita iyo usanishije iki kibazo no gutoranywa kw'abakozi bo mu itorero ba mbere bo mu Isezerano Rishya (Ibyakozwe 6)
   _____
   _____
   _____

**Kwihana**

**Igice cya 6**
**Inyigisho y'Amajwi: Isezerano Rishya #24**

Intego: Kumenya umutima wakwakira imbabazi z'Imana no kumenya ibyo Yesu yigishije ku kwihana.

"*Mana, mbabarira kuko ndi umunyabyaha." ...kuko uwishyira hejuru azacishwa bugufi, ariko uwicisha bugufi azashyirwa hejuru.*" Luka 18:13-14

"*Kandi umwana w'umuntu yazanywe no gushaka no gukiza icyari cyarazimiye*." Luka 19:10

Yesu avuga umugani ukomeye wo kwihana no kwanga kwihana. Yatweretse ishusho yo kwihana kuzima ubwo yahuraga n'umukoresha w'ikoro. Uyu mugani uvuga Umufarisayo n'umukoresha w'ikoro basenga mu rusengero. Umufarisayo yarisengeraga ndetse akarata no gukiranuka kwe, nyamara umukoresha w'ikoro we yicishije bugufi maze asaba imbabazi z'Imana. Yesu yavuze ko umukoresha w'ikoro wenyine ari we wakiranukaga imbere y'Imana. Umunyabyaha wihana wenyine niwe ubabarirwa.

Yesu yahuye n'umukoresha w'ikoro wihannye witwaga Zakayo ubwo yari mu rugendo anyura i Yeriko. Nyuma yo kubana na Zakayo, umukoresha w'ikoro yagaragaje kwihana icyo ari cyo. Yarahindutse kandi asezeranya ko agiye kwishyura uwo yaba yarambuye wese. Kuko ibikorwa bya Zakayo byagaragaje ibyari byabereye mu mutima we, Yesu yavuze ko agakiza kageze mu rugo rwe.

1. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Dushingiye kuri Bibiliya, tubona ko abamara umwanya wabo wose bategurira iby'ubu buzima ntibatekereze ku buzima bw'iteka ryose ni abapfapfa.
2. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Inkuru ya Yesu n'ababembe cumi yakijije, umwe wagarutse agashima Yesu n'icyenda batigeze bamushimira, itwigisha ko gushima Imana ari atari ngombwa cyane.
3. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Tumenya ko dushimisha Imana iyo tunyuzwe no gukiranuka kwacu.
4. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Guca bugufi ni imyumvire y'ingenzi cyane mu mubano

wacu n'Imana n'abandi.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe gusa cya buri kibaz.

5. Mu mugani w'Abafarisayo n'umukoresha w'ikoror, Umufarisayo yasabye iki?
   a. Agakiza
   b. Umubano mwiza n'Imana
   c. Ubutunzi bwinshi n'icyubahiro
   **d. Ntacyo yasabye. Yarivuze gusa.**
6. Umukoresha w'ikoro yasabye iki?
   a. Gukiranuka
   b. Iterambere mu bikorwa by'ubucuruzi bye.
   **c. Imbabazi**
   d. Amahirwe yo kuba Umufarisayo.
7. Ni nde Yesu yabwiye umugani w'Umufarisayo n'Umukoresha w'ikoro?
   **a. Abanezezwaga no gukiranuka kwabo.**
   b. Abashakaga kurushaho gukiranuka.
   c. Umubembe wagarutse akamushimira.
   d. Abigishwa be bonyine.
8. Ni nde wakiranurwa- wakozwaho ibyaha?
   a. Ukora imirimo myiza myinshi
   b. Abo itorero rishyize mu buyobozi
   **c. Abicisha bugufi bose ndetse bafite umutima wihana kandi bagasaba imbabazi z'Imana.**
   d. Nta muntu wakiranurwa burundu ndetse akababarirwa ibyaha byose.
9. Kuki abantu barakajwe n'uko Yesu yagiye mu rugo rwa Zakayo?
   **a. Kuko Zakayo yari umukoresha w'ikoro ikiranirwa.**
   b. Kuko bashakaha ko Yesu yihuta akagera i Yerusalemu.
   c. Kuko Zakayo yari afite imigambi yo kugirira nabi abayobozi b'Abayuda.
   d. Kuko Yesu yari yasezeranije ko ari bumarane umunsi n'abakuru b'idini maze arabihindura.
10. Kwihana bivuze iki? (Hitamo ibyo ubona ari byo byose)
    **a) Guhindura imitekerereze**
    **b) Guhinduka k'umutima**
    **c) Guhindura imyitwarire**
    d) Komeka Yesu ku myizerere uuntu asanganywe.
    **e) Guhindu ikerekeza cy'ubuzima.**
    f) Kubaho mu bukiranutsi bwuzuye ndetse ntiwigere wongera gucumura na mba.

Haba hari icyo wigiye mu nyigisho za Yesu kigutera gushaka kwihana? Ni iki wumva ugomba kwihana? Ubuzima bwawe bwahinduka gute uramutse wihannye uko Imana ibishaka?

_____

_____
_____

Imana ishimwe kubw'imbabazi zayo zidukiranura ndetse zikatwozaho ibyaha byacu muri Kristo kandi ibyo ntabwo biterwa natwe. Saba Imana iguhe imbaraga no kwizera kugira ushobore kwihana buri kintu Imana idashaka mu buzima bwawe. Saba Imana igufashe kureka no gutera umugongo ibidahamanya n'ubushake bwayo ndetse yuzuze mu buzima bwawe ibihamanya n'ubushake bw'Imana.

**Kujya Imuhengeri**

1. Sanisha ndetse ugereranye abagabo babiri bari mu mugani Yesu yaciye w'Umufarisayo n'umukoresha w'ikoro, nk'uko byanditse muri Luka 18:9-14.
   _____
   _____
   _____
2. Sanisha ndetse ugereranye amasengesho yasenzwe n'abo bagabo bombi.
   _____
   _____
   _____
3. Amagambo abiri Yesu yavuze kuri aba bagabo babiri n'aya masengesho abiri ni ayahe?
   _____
   _____
   _____
4. Vuga isano iri hagati y'ibi n'umunsi Yesu yabanye na Zakayo, nkuko byanditse mu gice gikurikiraho.
   _____
   _____
   _____
5. Sanisha ndetse ugereranye ikiganiro Yesu yagiranye na Zakayo n'ikiganiro yagiranye n'umutunzi wari ukiri muto, nk'uko byanditse muri Luka 18:18-25. Ni iki aba bagabo bombi bari bahuriyeho, kandi ni buryo ki bari batandukanye?
   _____
   _____
   _____
6. Ni buryo ki igice cya kabiri cy'umurongo wa 10 w'igice cya 19 cy'igitabo cya Luka waba ari wo murongo mukuru w'ubutumwa bwiza bwanditswe na Luka, cyangwa w'ibitabo bine by'ubutumwa bwiza?
   _____

_____
_____

7. Umufarisayo ntacyo yasabye ariko Yesu yavuze ko umukoresha w'ikoro ari "umukiranutsi" kuko yasabye "imbabazi." Imbabazi ni iki, kandi kuki iryo jambo risangwa inshuro 366 muri Bibiliya? Ijambo "gukiranurwa" risobanuye iki, kandi ni hehe handi risangwa muri Bibiliya?

   _____
   _____
   _____

**Ururimi rw'Amarenga rwa Yohana**

**Igice cya 7**
**Inyigisho y'Amajwi: Isezerano Rishya #25**

Intego: Gutangira igitabo cy'Ubutumwa Bwiza bwanditswe na Yohana no gusobanukirwa inyigisho nkuru zikigize n'intego z'izo nyigisho.

"*Hariho n'ibindi bimenyetso byinshi Yesu yakoreye imbere y'abigishwa bitanditswe muri iki gitabo. Ariko ibi byandikiwe kugira ngo mwizere yuko Yesu ari Kristo Umwana w'Imana, kandi ngo nimwizera muherwe ubugingo mu izina rye.*" Yohana 20:30, 31

*"Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana. Abo ntibabyawe n'amaraso cyangwa n'ubushake bw'umubiri, cyangwa n'ubushake bw'umugabo ahubwo babyawe n'Imana. Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe (tubona ubwiza bwe busa n'ubw'Umwana w'ikinege wa Se), yuzuye ubuntu n'ukuri*." Yohana 1:12-14

Hari abantu benshi cyane bakunda igitabo cy'Ubutumwa bwiza bwanditswe na Yohana kurusha ibindi kuko Imana yagikoresheje kumenya no kwakira agakiza no kubamenyesha Imana. Gitandukanye n'ibindi mu buryo bwinshi butandukanye, burimo; intego za cyo, imyandikire ya cyo, ndetse n'ibikigize. Umwanditsi wa cyo- Umwigishwa ukundwa witwaga Yohana yakoreshaga ururimi rw'amarenga n'ibimenyesto, akatubwira amashusho ya Yesu utasanga mu bindi bitabo by'ubutumwa bwiza.

Kugira ngo dusobanukirwe ubutumwa bwiza bwanditswe na Yohana, tugomba kumenya ko nubwo bwandikiwe gukomeza no kwigisha abizera, bwanandikiwe abatizera kugira nabo bizere kandi bakizwe. Yohana atanga inyigisho kuri Yesu ndetse agasubiza ibibazo by'ibanze by'wo Yesu ari we n'icyamuzanye ku isi. Yesu yandika ibimenyesto n'ibitangaza byinshi bikomeza kwizera, byongera imbaraga kandi bigaragaza ko Yesu ari

Umwana w'Imana. Kandi atanga amashusho meza menshi ya Yesu. Umuntu ashobora gusoma ubutumwa bwanditswe na Yohana akamenya byinshi kuri Yesu mu buryo bumworoheye, ariko kandi ubu butumwa bwanditswe na Yohana buraruhije kubusobanukirwa ku buryo umuntu yabusoma ntasobanukirwe icyo buvuze.

Witegereze ko igihe twiga ubutumwa bwiza bwanditswe na Yohana, Yohana asubiza ibibazo bitatu, ari byo: Yesu ni nde; Kwizera ni iki; na Ubuzima ni iki? Ugihe urimo gusoma, shakisha ibizubizo bya Yohana by'ibyo bibazo muri buri gice.

1. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Igitabo cy'Ubutumwa bwiza bwanditswe na Yohana gisa n'ibindi bitabo by'Ubutumwa bwiza kandi kirimo inkuru nyinshi zanditswe muri ibyo bitabo.
2. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Icyiyongera ku gitabo cy'Ubutumwa bwiza yanditse, Yohana yanditse n'igitabo cy'Ibyahishuwe n'inzandiko eshatu zo mu Isezerano Rishya.
3. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Ubutumwa bwiza bwanditswe na Yohana bwanditswe nyuma y'ibindi bitabo bitatu by'ubutumwa bwiza.

4. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Yohana yanditse Ubutumwa bwiza abwandikira abizera, ntabwo yabwandikiye abatizera.

*Cyeretse n'ibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.*

5. Kuki Yohana yashyize "ibimenyesto" cyangwa ibitangaza byinshi mu gitabo cy'ubutumwa bwiza yanditse?

**a. Kugaragaza ko Yesu ari Umwana w'Imana no gushishiakriza abantu kumwizera.**

b. Kuryoshya inkuru yanditse.
c. Kugaragaza ko abizera nyakuri bahora mu bitangaza iyo bafite kwizera guhagije.
d. Kugira ngo atume abantu basoma igitabo yanditse kurusha ibindi bitabo by'Ubutumwa bwiza.

6. Igitabo cya Yohana gifite mwihariko ki? (Hitamo ibyo ubona ko ari ibisubizobyose)

**a) Gifite ubutumwa bw'umwihariko gitanga.**

**b) Cyandikiwe abatizera n'abizera.**

c) Gitanga ubusobanuro buhagije bw'amavuko n'ubuto bwa Yesu.

**d. Cyanditswe mu nzego ebyiri- urwego rworoheje gusobanukirwa, n'urwego rukomeye rufite ubutumwa bugoye gusobanukirwa.**

e. Cyibanda ku bihe Yesu yiyeretse abigishwa be n'itore rya mbere nyuma yo kuzuka.

**f. Ibyinshi bikigize ntabwo biri mu bindi bitabo by'Ubutumwa bwiza.**

7. Ubutumwa bwanditswe na Yohana busubiza kibazo ki cy'ingenzi? *(Hitamo ibyo ubona ko ari ibisubizo byose)*
   a. Yesu yasohoje ate ubuhanuzi?
   **b. Yesu ni nde?**
   c. Yesu azagaruka ryari?
   d. Itorero rya mbere ryari rimeze rite?
   **e. Kwizera ni iki?**
   **f. Ubuzima ni iki?**
8. Ni iyihe muri aya mashusho ya Yesu ari mu Butumwa bwiza bwanditswe na Yohana? *(Hitamo ibyo ubona ko ari ibisubizo byose)*
   **a. Amazi y'Ubugingo**
   b. Umucamanza Uvuga nabi
   **c. Umwungeri Mwiza**
   d. Igihuru Gishya
   **e. Umucyo w'Isi**
   **f. Umutsima w'Ubugingo**
   **g. Ukuzuka n'ubugingo**
   **h. Umuzabibu**
   **i. Umwana w'Intama**
   j. Igihome gikomeye
   **k. Umugaragu**
   **l. Umwungeri Mukuru**
   **m. Ingemeri y'Ingano**
9. Yohana yita iki Yesu mu gice cya mbere cy'igitabo cy'Ubutumwa bwiza yanditse?
   a. Umuhanga Uzi gutekereza
   **b. Ijambo ry'Imana ryambaye umubiri**
   c. Umwigisha ukomeye
   d. Umuyobozi w'umwuka ukomeye
10. Ni bintu ki bindi igice cya mbere kitubwira ku gihe Yesu yazaga? *(Hitamo ibyo ubona ko ari ibisubizo byose)*
    **a. Abayuda baramwanze**
    **b. Yesu yatanze ubushobozi bwo kugira ngo umuntu we amwakire.**
    c. Bakira Yesu bose bazakira indwara.
    **d. Abizera Yesu bose maze bakamwakira bazakizwa.**

Ni gute Abayuda benshi bakiriye ibyo Yesu yavuze? Yesu ashaka ko twakira dute ibyo atubwira? Ni gikorwa ki cyo kwizera wakora ubu kugira ngo wegere Yesu ndetse umugaragarize ko umwizeye?

_____
_____

Imana ishimwe kuko yaduhaye iki gitabo kitubwira ibyo dukeneye byose kugira ngo twizere Yesu Kristo, wari Imana ijana ku ijana akaba n'umuntu ijana ku ijana, kandi kugira ngo binyuze mu kumwizera tubone ubugingo buhoraho. Yisabe kugira ngo ikwereke ubugingo budashira icyo ari cyo ndetse iguhe kwizera kwinshi igihe urimo gusoma iki gitabo.

**Kujya Imuhengeri**

1. Ni iki cyatumye Yohana atubwira ibimenyesto byinshi dushingiye ku byanditswe mu mirongo ibiri ya nyuma y'igice cya 20?
   _____
   _____
   _____
2. Ni buryo ki igitabo cy'Ubutumwa bwiza bwanditswe na Yohana cyagenewe abatizera?
   _____
   _____
   _____
3. "Ikimenyetso" ni iki kandi umurongo wa nyuma w'Ubutumwa bwiza bwanditswe na Yohana utubwira iki ku mubare w'ibimenyetso Yesu yaduhaye?
   _____
   _____
   _____
4. Dushingiye ku mirongo 18 ya mbere y'Ubutumwa yanditse, Yohana atubwira iki ko agiye kutubwira mu gitabo cyose?
   _____
   _____
   _____
5. Yohana aba ashatse kutubwira iki iyo atubwiye ko Jambo yariho mbere na mbere, Jambo uwo yari Imana, Jambo yaremye byose, kandi Jambo yabaye umuntu ndetse abana n'abantu kugira ngo tubone ubwiza bwe?
   _____
   _____
   _____
6. Yohana aba ashatse kuvuga iki iyo atubwiye ko abamwemeye bose babyawe

n’Imana?
_____
_____
_____

7. Iyo Yohana avuze “abamwemeye” neza, mbese aba avuga ko igihe Yesu yari ku isi abantu bamupfukamiye bakamusaba ko ajya mu mitima yabo? Sobanura?
_____
_____
_____

**Kuvuka Ubwa Kabiri: Ni iki, kuki, ndetse Gute?**

**Igice cya 8**
**Inyigisho y’Amajwi: Isezerano Rishya #26**

Intego: Kumenya akamaro k’igitangaza cya mbere Yesu yakoze no kumenya icyo bivuze kuvuka ubwa kabiri.

*“Ni ukuri ni ukuri, ndakubwira yuko umuntu utabyawe n’amazi n’umwuka atabasha kwinjira mu bwami bw’Imana. Ikibyarwa n’umubiri na cyo ni umubiri, n’ikibyarwa n’Umwuka na cyo ni umwuka. Witangazwa n’uko nkubwiye yuko bibakwiriy kubyarwa ubwa kabiri.”* Yohana 3:5-7

*“Kandi nk’uko Mose yamanitse inzoka mu butayu, ni ko Umwana w’Umuntu akwiriye kumanikwa, kugira ngo umwizera wese abone guhabwa ubugingo buhoraho. Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w’ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho. Kuko Imana itatumye Umwana wayo mu isi gucira abari mu isi ho iteka, ahubwo yabikoreye kugira ngo abari mu isi bakizwe na we.”* Yohana 3:14-17

Igitangaza Yesu yakoze cya mbere cyanditswe cyabereye mu birori by’ubukwe ubwo nyir’ubukwe yashirirwaga na vino. Yesu yahinduye ibindi binini by’amazi vino, maze

bifasha ibirori gukomeza. Iki gitangaza ni ishusho yo kuvuka ubwa kabiri igaragaza ko Yesu yafata imibereho iruhije kandi idashoboka akayihindura ibyishimo. Ni ishusho y'ibiba iyo tumwizeye. Afata ibisanzwe, maze akaduhindura mu buryo butangaje, akaduha kuvuka bushya.

Mu gice cya kabiri, Yohana atubwira ko benshi bizeraga iyo Yesu yakoraga ibitangaza, ariko ntibamukurikire. Kandi kuko batiyemezaga kubana nawe, nawe ntabwo yiyemezaga kubana nabo. Hariho ubwoko bwo kwizera butandukanye: ntabwo buri ikitwa kwizera cyose ari ukwizera gukiza. Abenshi bari bafite ukwizera ko mu bitekerezo gusa, nta kwizera ko kumukurikira. No mu gice cya kabiri, Yesu yavuze iby'urupfu rwe no kuzuka ku munsi wa gatatu.

Muri Yohana 3, Nikodemu, umwigisha mukuru yasanze Yesu mu ijoro kugira ngo amubaze ibibazo. Yesu yabwiye uyu mwigisha ko uburyo bwonyine bwo kubona ubwami bw'Imana ari ukubanza kuvuka ubwa kabiri. Abavuka ubwa kabiri nibo bashobora kwemera Yesu nk'Umwami wabo. Inzira yo kuboneramo uku kuvuka ubwa kabiri ni kubwo kwizera. Yesu yabisobanuye neza muri iki kiganiro yagiranye n'umwigisha ko yari Imana, yari Umwana w'ikinege w'Imana, kandi ko twakizwa, twavuka ubwa kabiri ari uko tumwizeye. Iyo tubyawe ubwa kabiri mu mwuka, nibwo twemera Imana nk'Umwami wacu.

1. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Dushingiye ku Butumwa bwiza bwanditswe na Yohana, tubona ko igitangaza cya mbere Yesu yakoze yagikoreye mu biroi by'ubukwe.

2. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Intego y'ibitangaza bya Yesu yarimo no kugaragaza icyubahiro cye no gutuma abantu bamwizera.
3. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Mu byanditswe, vino akenshi ni ikimenyetso cy' umunezero.
4. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Mu byanditswe, amazi akenshi ni ikimenyetso cy'ijambo ry'Imana.
5. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Ibyo twizeye, turabikora. Ibindi byose ni amagambo y'idini gusa.

*Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo imwe cya buri kibazo.*

6. Dukoresheje igitangaza cyo mu bukwe bw'i Kana nk'ikimenyetso gusa cyangwa urugero rwo kuvuka ubwa kabiri, shyira ku murongo izi nzego, ukuntu zikurikirana:
   **_4_** Kwemerera kuvuka bwa kabiri kugahindura imibano yawe
   **_1_** Kwatura ko utaravuka ubwa kabiri
   **_3_** Gushyira ijambo ry'Imana mu bikorwa.
   **_2_** Kuzuza ibyanditswe mu gikoresho cyawe
7. Kuki Nikodemu yasanze Yesu ngo amubaze ibibazo?
   **a. Yashimishijwe n'ibyo yabonye Yesu akora maze ashaka kumva inyigisho ze.**
   b. Yashakaga gutega Yesu umutego ngo avuge ibitari byo.
   c. Yashakaga gufata amagambo ya Yesu mu mutwe maze ngo ayabwirize abandi, abeshya ko ari we nkomoko y'ubwoko butumwa bukomeye.
   d. Yatumwe n'abakuru b'i Yerusalemu kugira ngo amuneke.
8. Ni kimenyetso ki Yesu yasezeranije gutanga muri Yohana kizemeza ko yari Imana?
   a. Yasezrnsije guha abantu bose amahoro.
   b. Yasezeranije gukiza no guha ubutunzi abantu bose.
   c. **Ko azapfa akazuka nyuma y'iminsi itatu.**
   d. Yasezeranije ko azakora ibitangaza byinshi.
9. Yesu yavuze ko umuntu agomba gukora iki kugira ngo abone ubwami bw'Imana?
   a. Kumvira amategeko
   b. Gufata mu mutwe ukuri
   c. Kugurisha ibyo atunze byose
   d. **Kuvuka ubwa kabiri**
10. Kuvuka ubwa kabiri bivuze iki?
    a. Kongera kuba uruhinja.
    b. Guhindura idini.
    **c. Kuvuka mu mwuka aho Imana iba Umwami.**
    d. Gupfa ukagaruka ku isi nk'undi muntu cyangwa mu yindi shusho.
11. Ni gute tuvuka ubwa kabiri?
    a. Kwigana Yesu.
    **b. Kwizera Yesu.**
    c. Kuba intungane.
    d. Kwitandukanya n'isi.
12. Yesu ni nde muri Yohana igice cya 3? *(Hitamo ibyo ubona ko ari ibisubizo byose)*
    **a. Umwana w'Imana**
    **b. Umukiza watanzwe n'Imana wenyine**
    **c. Igisubizo cy'Imana cyonyine**
    **d. Umucyo waturutse ku Mana**
    **e. Kristo wasezeranijwe, Mesiya.**
    **f. Ugomba gushyirwa kumusaraba.**

Haba hari ibibazo ufite mu buzima bwawe ukeneye ko Yesu ahindura ibyishimo nk'uko yahinduye amazi vino? Niba ubifite, ni ibihe? Ni iki ukeneye kugira ngo umwiyegurire uyu munsi?

_____
_____
_____
Waba warabonye imana nk'Umwami maze ukajya mu bwami bwayo? Niba bitaraba, ubwo ntabwo uravuka ubwa kabiri, dushingiye kubyavuzwe na Yesu. Haba hari ikintu kirimo kukubuza kwizera Yesu nk'impano y'Imana yaguhesha agakiza k'iteka ryose? Yesu arimo kukubwira iki?

_____
_____
_____

Imana ishimwe ko yahaye ubugingo bushya abayizeye bose. Yisabe kugira ngo igushoboze kuyimenya nk'Umwami n'Umutware muri buri gice cy'ubuzima bwawe bwose. Saba Imana kugushoboza kumvira ijambo ryayo buri munsi.

**Kujya Imuhengeri**

1. Ni buryo ki igitangaza cya mbere Yesu yakoreye mu bukwe (Igice cya 2) ikimenyetso cy'inzego ennye zigize igikorwa cyo kuvuka ubwa kabiri, kandi ni gute ayo mahame ane yakoreshwa mu guhemburwa mu mwuka kw'abavutse ubwa kabiri?

   _____
   _____
   _____

2. Igice cya kabiri n'icya gatatu by'igitabo cya Yohana bisubiza bite ibibazo bitatu bigira biti, "Yesu ni nde?", Kwizera ni iki?", na Ubuzima ni iki"? (Ibande kuri Yohana 2:18-25; 3:14-19)

   _____
   _____
   _____

3. Ni gute twashyira mu bikorwa ubutumwa dukura mu kuba Nikodemu yarasanze Yesu abitewe n'uko yashimishijwe n'ibyo yabonye Yesu akora ndetse ashaka kumva ibyo Yesu yavugaga?

   _____
   _____
   _____

4. Dushingiye ku byo Yesu yabwiye Nikodemu mu murongo wa 3 na 5, ubona ko intego yo gukizwa ari iyihe?

   _____
   _____
   _____

5. Ubwami bw'Imana ni iki, tububona dute muri iki gihe, kandi tubujyamo dute? (Soma 1 Abakorinto 12:3; 2 Abakorinto 5:17,18)

_____
_____
_____

6. Dushingiye ku ijambo ry'imyemerere rikomeye cyane Yesu (3:14-19), ni nde uzacirwaho iteka ndetse kuki bazacirwaho iteka? Kandi ni nde uzakizwa ndetse kuki ari bo bazakizwa? (Soma 2 Abakorinto 5:18,19)
   _____
   _____
   _____
7. Ni iki Yesu arimo kugerageza kubwira Nikodemu muri Yohana 3:14 igihe yamubwiraga inzoka yo mu butayu mu Kubara 12:8?
   _____
   _____
   _____

**Umugore wari ku Iriba**

**Igice cya 9**

**Inyigisho y'Amajwi: Isezerano Rishya #27**

Intego: Kumenya uko Yesu yafashije abantu mu Butumwa bwiza bwanditswe na Yohana no kurushaho gusobanukirwa kuvuka ubwa kabiri.

*"Yesu aramusubiza ati "Umuntu wese unywa aya mazi azongera kugira inyota, ariko unywa amazi nzamuha ntazagira inyota rwose iteka ryose, ahubwo amazi nzamuha azamuhindukiramo isoko y'amazi idudubiza kugeza mu bugingo buhoraho. Imana ni Umwuka n'abayisenga bakwiriye kuyisenga mu kuri no mu mwuka."* Yohana 4:13-14, 24

Muri Yohana 4 tuhabona urundi rugero wavutse ubwa kabiri asubiza Yesu neza. Yesu yahuye n'Umusamariyakazi ku iriba maze Yesu amuha amazi yamumara inyota burundu, amazi y'ukuri kwe n'ubugingo bwe. Uyu mugore ntabwo yemeye ayo mazi yahawe na Yesu gusa, ahubwo yabereye isoko y'amazi abandi baza bakanywaho. Mu yandi magambo, yavutse ubwa kabiri maze yereka abantu bo mu mudugudu w'iwabo uko babona ubugingo buhoraho bakiriye Yesu mu bugingo bwabo.

Mu gice gikurikiraho, Yesu yakijije umugabo ku Isabato, maze abwira uwo mugabo kubyuka agazinga umusambi we yaryamagaho akagenda, kandi ibi byari binyuranye

n’amategeko y’abakuru b’idini. Iki gitangaza cyo gukira cyabaye imbarutso y’ikiganiro gikomeye hagati ya Yesu n’abo bakuru, kandi gikomerezwa mu bice byinshi by’Ubutumwa bwiza bwanditswe na Yohana. Muri iki kiganiro yagiranye n’abayobozi b’Abayuda, hari amagambo Yesu yavuze akomeye, yivuga ko ari Umwana w’Imana, ko akora ibyakorwa n’Imana gusa kandi ko ibyanditswe bimuhamya. Amagambo yababwiye yatumye abantu bagira amahitamo abiri, ariyo: kumwemera cyangwa kumwanga. Uyu munsi natwe tugira ayo mahito yombi iyo dusomye amagambo ye.

1. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Abayuda n’Abasamariya bari baturanye kandi bakundanaga nk’abavandimwe.
2. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Yesu yagaragaje ko yangaga abo mu bundi bwoko kimwe nk’abandi bantu.
3. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Yesu yabwiye umugore wok u iriba nk’ibyo yabwiye Nikodemu. Yabigenjeje kimwe mu bantu bose.
4. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Umugore wari ku iriba yahindutse burundu nyuma yo guhura na Yesu.

*Cyeretse nibihindurwa naho ubundiurasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.*

5. Yesu yagaragaje bintu bimuranga mu kiganiro yagiranye n’umugore ku iriba? *(Hitamo ibyo ubona ko ari ibisubizo byose)*
   a. Guciraho iteka
   b. Kwanga abo mu bundi bwoko
   **c. Kugenzura**
   **d. Kwitwararika**
   e. Kwemera icyaha
   **f. Kwakira abantu**
6. Ni ibihe muri ibi Yesu yavuze mu kiganiro yagiranye n’umugore ku iriba?
   a. Ikibazo cye
   b. Igisubizo cye
   c. Umucunguzi we
   **d. Byose**
7. Ni iki Yesu yabwiye umugore ko amusaba?
   a. Icy kunywa
   b. Umugabo mushya
   **c. Amazi y’ubugingo**
   d. Undi mwuga
8. Ni iki Yesu yabajije umugabo wari ku kidendezi cy’amazi cy’i Betesida?
   a. “Kuki Imana irimo kuguhanisha iyi ndwara?”

**b. "Urashaka gukira?"**

c. "Ninkukiza, uransezeranye ko uzajya witwara neza?"

d. "Witeguye gutanga ibingana iki kugira ngo ukire?"

9. Kuki abakuru b'idini barakariye Yesu kuko yakijije umugabo wari ikimuga?

**a. Kuko yamukijije ku munsi w'Isabato.**

b. Baumvaga ko uwo mugabo agomba kuguma ari ikimuga.

c. Nibo bonyine bari bemerewe gukiza abantu.

d. Batekerezaga ko uwo mugabo yabeshyaga ko ari ikimuga. Bivuze ko Yesu atigeze amukiza.

10. Kuki Yesu yakijije umwe wenyine muri benshi bari ku kidendezi cy'i Betesida?

a. Yesu yakizaga uwari ahamaze igihe kirekire cyane kurusha abandi.

**b. Uyu mugabo ubanza ari we wenyine wari urambiwe no kuba ku kidendezi.**

c. Ntabwo Yesu yashoboraga gukiza bose.

d. Ntabwo Yesu yashakaga guteza impaka hagati ye n'bakuru b'idini.

11. Ikidendezi cy'i Betesida gihagarariye iki?

a. Yesu nk'amazi y'ubugingo

b. Iyi si yuzuyemo ibibazo

**c. Ahantu hose n'ibintu byose dushakamo gukira**

d. Ko kugira ngo dukizwe tugomba kuba ahantu hakwiriye mu gihe gikwiriye.

12. Ni hehe twakura ubugingo buhoraho?

a. Ku kidendezi cy'i Betesida

b. Mu bukiranutsi bwacu

c. Mu buvuzi bw'indwara zo mu mutwe

d. Mu butunzi

e. Mu bugingo buzira indwara

f. Mu mibano n'abandi

g. Mu munezero no mu kugubwa neza

**h. Muri Yesu gusa**

13. Iyo dusuzumye ibyanditswe, ni iki tugomba kwanzura kuri Yesu?

**a. Ko Yesu ari umunyabinyoma cyangwa umunyagicuri, cyangwa yari uwo wo yavuze ko ari- Imana.**

b. Yesu yari umuntu mwiza cyane, nuko rero agomba kutubera icyitegererezo.

c. Yesu yari umuhanuzi watumwe n'Imana kugira ngo atubwire uko twabona ubugingo buhoraho.

d. Yesu yari umuntu utarabayeho wagerageje kwigisha abantu imyitwarire myiza.

Unyotera iki? Ni buryo ki Yesu yakumara inyota? Ni gute waba umugezi w'amazi y'ubugingo mae ugafasha abandi kumarwa inyota muri Yesu?

_____

_____

_____

Imana ishimwe kuko Yesu ari we byiringiro byacu byonyine kandi ko itazemera ko duhazwa n'ibindi byiringiro bitenguha. Yisabe ko yakuzuza neza muri uwo mubano ufitaye nayo ndetse iguhe amahirwe yo abandi bantu ibyo byiringiro.

**Kujya Imuhengeri**

1. Ubwo Yesu yarimo kunyura muri Samariya akomeza, yakoresheje ngamba ki zo kugeza ubutumwa bwiza kuri Samariya yose nyuma yo kuhanyura agenda? (Zigereranye n'ingamba yakoresheje ubwo yarimo kunyura i Yeriko nk'uko byanditswe muri Luka 19)
   _____
   _____
   _____
2. Ni butumwa ki ukura muri aya magambo "gusoma rimwe ku mazi y'ubugingo yatubera isoko y'amazi abandi bantu baza bakanywaho"?
   _____
   _____
   _____
3. Ni gute twashyira mu bikorwa icyo mu buryo bwose ubona ko ariwo murongo mukuru muri iki kiganiro, ugira uti "

   28, "*Nuko uwo mugore asiga ikibindi cye, aragenda ajya mu mudugudu abwira abantu ati, nimuze murebe umuntu....*" Muri uwo muco wabo, kuki umugore yabwiye abagabo bo mu murwa w'iwabo ibya Yesu?
   _____
   _____
   _____
4. Ni gute twashyira mu bikorwa amagambo Yesu yabwiye abigishwa be kugira ngo barebe hejuru mbere yuko bareba ibisarurwa (uyu mugore), byareze cyane kandi byiteguye gusarurwa?
   _____
   _____
   _____
5. Ubwo igice cya 5 gishimangira ko hari abantu benshi ku kidendezi cy'i Betesida, kuki Yesu yakijije wa mugabo, kandi ni gute iki gikorwa yakoze cyari ingenzi cyane mu murimo we?
   _____
   _____
   _____
6. Iki gitangaza nicyo cyabaye imbarutso y'ikiganiro kibi gikomeye Yesu yagiranye

n’abakuru b’idini, cyimurirwa ndete kigakomerezwa mu gice cya munani cyose. Andika urutonde rw’ibintu bitandukanye Yesu yivuzeho muri ibi bice bine byose, maze nurangiza usubize iki kibazo kigira kiti, “Yesu ni nde?”

_____
_____
_____

7. Nyuma yo kwandika urwo rutonde, mbese wowe ubu Yesu umwita nde? Ni umunyabinyoma, umunyagicuri cyangwa Umwami?

_____
_____
_____

**Nta Bushake bwo Kuza Mufite**

**Igice cya 10**
**Inyigisho y’Amajwi: Isezerano Rishya #28**

Intego: Gusobanukirwa imiterere yo kwizera kuzima n’uko twakwitwara neza mu nyigisho ya Yesu.

*“Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko uwumva ijambo ryanjye akizera uwantumye, aba afite ubugingo buhoraho kandi ntazacirwaho iteka, ahubwo aba avuye mu rupfu ageze mu bugingo. . . . . Murondora mu byanditswe, kuko mwibwira ko muri byo arimo mufite ubugingo buhoraho, kandi ari byo bimpamya. Nyamara mwanze kuza aho ndi, ngo muhabwe ubugingo.”* Yohana 5:24, 39-40

*“Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko uwizera ari we ufite ubugingo buhoraho. Ni jye mutsima w'ubugingo....Ni jye mutsima muzima wavuye mu ijuru. Umuntu narya uwo mutsima azabaho iteka ryose, kandi umutsima nzatanga ku bw'abari mu isi kugira ngo babone ubugingo, ni umubiri wanjye.”* Yohana 6:47-48, 51

Nyuma yo gukiza umugabo w’ikimuga wari ku kidendezi cy’i Betesida no kugira ibyo yivugaho bikomeye, Yesu yabwiye abakuru b’idini ko babonye ibihamya bihagije byo kumwemera nk’Umwana w’Imana, Mesiya wasezeranijwe. Yavuze ko Mose, Yohana Umubatiza, ijwi ryumvikanye riturutse mu ijuru, n’ibyanditswe byose bihamya ibyo yivuzeho byose.

Nyuma y’igitangaza cyo kugaburira abantu 5,000, Yesu yabwirije kimwe mu bibwiriza bigoye cyane gusobanukirwa, cyitwa “Ikiganiro cy’Umutsima w’Ubugingo.” Yavuze ko amagambo ye ari Umwuka n’ubugingo, ko ari we mutsima muzima waturutse mu ijuru,

kandi ko abarya umubiri we bakanywa amaraso ye ari bo babona ubugingo buhoraho. Avuga ibyo, Yesu yarimo kuvuga ko abashaka ubugingo bagomba kwemera ibyo yigishije byose, babishyire mu bugingo bwabo kandi bagomba kwemera ubusobanuro bw'urupfu rwe rwo ku musaraba.

Abenshi mu bamwumvaga bose ntabwo bashoboraga kumenya icyo arimo kuvuga. Aya magambo yari akomeye kuyemera ku buryo benshi mu bigishwa be bamuteye umugongo baragenda. Ariko abari inkoramutima ze, abigishwa be 12, biyemeje kugumana nawe.

Yesu ntabwo yigishije ko tugomba gusobanukirwa ibyo avuga byose mbere yuko tumwumvira. Yavuze ko uzamusanga wese afite ubushake bwo gukora ibyo avuga niwe uzamenya ko inyigisho ze zituruka kwa Data.

1. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Abakuru b'idini banejejwe cyane no kubona igitangaza cyo gukira ubwo Yesu yabwiraga umugabo wari umaranye ubumuga imyaka 38 ati terura uburiri bwawe maze ugende.
2. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Yesu ntabwo yigeze avuga ko akomeye.
3. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Yesu yavuze ko ubutware bwose yabuhaye n'Imana.

4. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Nubwo abenshi mu bakuru b'idini bahakanyaga Yesu, hari abandi bantu benshi bamwemeraga nka Mesiya, Umwana w'Imana.
5. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Abakuru b'idini bo mu gihe cya Yesu bari basobanukiwe Bibiliya neza.

*Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.*

6. Ni mpamvu ki nyamukuru yatumywe abakuru b'idini barwanya na Yesu?
   a. Nta bihamya bihagije bari bafite kugira ngo bamwemere.
   **b. Ntabwo bashakaga kumwemera, bityo rero birengagiza ibihamya.**
   c. Yajyaga abarakaza cyane ku buryo batashoboraga kumwemera.
   d. Bari injiji ku buryo batashoboraga gusobanukirwa ibyo avuze, niyo bageragezaga cyane.
7. Abakuru b'idini bari bakeneye urushya rwa nde kugira ngo bamwemere?
   a. Uruhushya rw'Imana

**b. Buri umwe yari akeneye uruhusyha rwa bagenzi be**
c. Uruhushya rwa'abantu basanzwe
d. Nta ruhushya rw'umuntu bari bakeneye

8. Kuki abantu benshi bateye Yesu umugongo nyuma yo kubabwira "kurya Umubiri we" no kunywa Amaraso ye"?
**a. Amagmbo ye yari aruhije kuyumva ndetse yumvikanye ko asebeje.**
b. Ibyo yasabaga kugira ngo bumvire byari biruhije kubikora.
c. Yanyuranije n'amategeko y'Imana, ubwo rero abantu bose batekereje ko ari umuhanuzi w'ibinyoma.
d. Bari bagiye kubwira inshuti zabo ubutumwa bwiza bamwumvise avuga.

9. Imana idusaba kugira kwizera kumeze gute?
a. Kwizera iyo tubonye igitangaza gusa
b. Kwizera icyo tubwiwe na buri muntu
c. Kwizera iyo dusobanukiwe ibyo yavuze gusa.
**d. Kwizera niyo twaba tutasobanukiwe ibyo yavuze.**

10. Yesu yavuze ko inyigisho ze zaturutse he?
a. Mu bitekerezo bye
b. Mu mashuri menshi afite
c. Mu nama z'abigishwa be
**d. Ku Mana**

Haba hari ikintu utasobanukiwe Imana yakubwiye ariko ukaba uzi ugomba kuyumvira? Niba gihari, ni iki? Ni iki ishaka ko ukora? Utekereza ko Imana izakora iki nuyumvira?

_____
_____
_____

Shimira Imana ko yakwihishuriye, yagushishuriye ubushake bwayo n'inzira zayo. Yisabe kugira ngo iguhe umutima wumvira n'ibitekerezo bisobanukirwa ijambo ryayo. Saba Imaa imbaraga n'ubwenge byo gukora ibyo iguhamagarira gukora byose.

**Kujya Imuhengeri**

1. Nyuma yo kwandika urutonde rw'ibihamya bitandukanye aba bakuru b'idini babonye byahamije ibyo Kristo yivuzeho, yababwiye ko banze kumusanga kuko ari bushake bari bafite bwo kumusanga. (5: 39, 40) Ni gute twashyira uku kuri mu bikorwa mu

buzima bwacu?

_____
_____
_____

2. Kuki umuyobozi mu itorero ukomeye cyane ku isi witwa Oswald Chambers yavuga ko iyo mirongo ivuzwe ari yo yafasha umuntu wese gusobanukirwa Bibiliyayose?

_____
_____
_____

3. Ni gute twashyira mu bikorwa ukuri ko abantu nk'Abafarisayo, bari intiti z'ibyanditswe, batagira ubushake bwo gusanga Yesu?

_____
_____
_____

4. Kuki kugaburira imiryango ishonje 5,000 ari cyo gitangaza cyonyine cyanditswe mu bitabo by'Ubutumwa bwiza byose?

_____
_____
_____

5. Ni gute iki gitangaza ari "Umugani w'Iyerekwa ry'Ubumisiyoneri bwa Yesu Kristo?"

_____
_____
_____

6. Ni gute twashyira mu bikorwa ukuri ko Yesu yashyize abigishwa be hagati ye n'ibyo yashakaga guha abantu (ni ikimenyesto cy'isi) ubwo yanyuzaga igitangaza mu biganza byabo ngo bakigeze ku miryango yari ishonje?

_____
_____
_____

7. Ni butumwa ki ubona mu kibazo kigira kiti, "Kwizera ni iki?" kigaragazwa n'uko n'ubwo abigishwa benshi bateye Yesu umugongo ubwo yababwiraga amagambo akomeye cyane y'Umutsima, intumwa ze nka Petero ntabwo zigeze zimutera umugongo, nubwo zitasobanukiwe iby'icyo kiganiro?

_____
_____
_____

**Amagambo Atatu Yo Kuvuka Ubwa Kabiri**

**Igice cya 11**
**Inyigisho y'Amajwi: Isezerano Rishya #29**

Intego: Gusobanukirwa amakimbirane Yesu yagiranye n'abakuru b'idini no kumumenya nk'Umucyo w'isi, Umwungeri mwiza, kuzuka n'Ubugingo.

*"Yesu yongera kubabwira ati "Ni jye mucyo w'isi. Unkurikira ntazagenda mu mwijima na hato, ahubwo azaba afite umucyo w'ubugingo....Nuko Yesu abwira Abayuda bamwemeye ati "Nimuguma mu ijambo ryanjye muzaba abigishwa banjye nyakuri, namwe muzamenya ukuri kandi ukuri ni ko kuzababātūra."* Yohana 8:12, 31-32

*"Ni jye rembo, umuntu niyinjira muri jye azakizwa, azinjira asohoke kandi azabona urwuri. 10Umujura ntazanwa n'ikindi keretse kwiba no kwica no kurimbura, ariko jyeweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi."* Yohana 10:9-10

*"Yesu aramubwira ati "Ni jye kuzuka n'ubugingo, unyizera naho yaba yarapfuye azabaho, kandi umuntu wese ukiriho unyizera ntazapfa iteka ryose. Mbese wizeye ibyo?"* Yohana 11:25-26

Nyuma yo kubabarira umugore wafatiwe mu cyaha cy'ubusambanyi, Yesu yabwiye nabi abakuru b'idini, abita "abana b'umwanzi." Bamwe muri bo bemeye Yesu maze abemeza ko ukuri kuzababatura bakaba ab'umudendezo. Nyuma yo guhumura uwari impumyi, Yesu yabwirije avuga ko ariwe mucyo w'isi. Benshi mu bakuru b'idini batekereje ko yarimo kubarega kumwanga, we mucyo, kugira ngo bagume mu byaha byabo. Yabasobanuriye ko amurikira abo bose bazi ko ari impumyi. Yesu yigereranije n'umwungeri mwiza kandi abwira abayoboke be ko intama ze zumva ijwi rye. Yesu yabahamirije ko yarinda intama ze ikibi cyose kuko ari we rembo rizima ry'intama ze.

Kimwe mu bitangaza bikomeye cyane bya Yesu yagikoze ubwo yemereraga abantu batatu guhura n'ibibazo bibiri bikuru bitagira igisubizo mu isi,ari byo indwara n'urupfu. Yashakaga ko inshuti ze Mariya, Marita na Lazaro n'abandi bose basomye inkuru yabo kumenya ko yatsinze urupfu ndetse afite urufunguzo rw'ubugingo buhoraho. Abizera Yesu kandi bakagirana umubano nawe ntabwo bazapfa.

1. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Yesu ntabwo yigeze ahakana ko umugore wafatiwe mu cyanha cy'ubusambanyi yakoze cicyaha, ahubwo yamugiriye impuhwe.
2. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Imana ntabwo ijya yibagirwa ko turi abanyabyaha, ahubwo ihitamo kwibagirwa ibyaha byacu.

3. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Yesu yavuze ko abantu bose baturutse mu ijuru kandi bazasubira mu ijuru.
4. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Nubwo Yesu yahoraga avuga ukuri, nta muntu yigeze abwira nabi.

*Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe gusa cya buri kibazo.*

5. Kurikiranya izi nzego zo kuvuka ubwa kabiri nk'uko zikurikirana:
   **_3_** EUbeho Ubuzima
   **_2_** Kurikira
   **_1_** Izera
6. Ni iki Yesu yavuze ubwo yagiraga ati, "Mbere yuko Aburahamu avuka, ndiho"?
   a. Ko yari ubugingo bushaje bwabayeho ibihe bynshi bitandukanye
   **b. Ko yari Imana, bivuze ko yabayeho mbere ya byose kandi azakomeza kubaho na nyuma ya byose.**
   c. Ko yari azi Isezerano rya Kera cyane nk'uwabayeho muri icyo gihe.
   d. Ko igihe ari ikinyoma kandi nta cyo kibwiye abajijutse.
7. Dushingiye kubyavuzwe na Yesu, tubona ari iki cyatumye umugabo w'impumyi avukana ubumuga bwo kutabona?
   a. Cyari igihano kuko yari afite kamere y'ibyaha.
   b. Ababyeyi be bari baracumuye maze aravumwa.
   c. Hari umuntu yari yarateye guhuma amaso, icyo rero kikaba cyari igihano cye.
   **d. Imana yashakaga kugaragariza imbaraga zayo mu buzima bw'uyu mugabo**
8. Ni iki Yesu yari ashatse kuvuga ubwo yagira ati, "Nijye Mucyo w'Isi"? *(Hitamo ibyo ubona ko ari ukuri byose)*
   **a. Ko ari nta cyaha cyangwa umwijima muri we; ni Imana.**
   **b. Ko ahumura impumyi zo mu mwuka.**
   **c. Ko adukuramo umwijima uterwa n'ibyaha.**
   **d. Umucyo we n'ubugingo bwe birasira umucyo mu buzima bwacu bw'ibyaha.**
9. Mbese bitubwiye iki kuba Yesu ari we rembo ry'intama? (*Hitamo ibyo ubona ko ari ukuri byose*)
   a. Ko amategeko ye atugumisha ataduha umudendezo wo gukora ibyo dushaka.
   **b. Ko ari we nzira yonyine yatugeza mu bwami bw'Imana.**
   c. Ko ashaka kudutandukanya n'isi kugira ngo itatuyobora kandi natwe ntituyobore abandi.

**d. Ko aturinda abagizi ba nabi.**

e. Ko arinda abo adashaka kujya mu bwami bwe.

10. Kuki Yesu yagumye aho yari nyuma yo kumva ko inshuti ye Lazaro arwaye?
    a. Ntabwo yari azi ko Lazaro arwaye cyane.
    b. Ntabwo yari ababajwe n'uko lazro yapfa kuko urupfu ari ikinyoma gusa.
    **c. Yashakaga kugaragariza abantu ko yanesheje indwara n'urupfu.**
    d. Yashakaga kugerageza gukiriza Lazaro kure ariko ntibyamushobokeye.
11. Ni iki tugomba gukora iyo turimo kunyura mu gihe kiruhije cyane mu buzima bwacu?
    **a. Kuguma iruhande rwa Yesu ndetse tugakomeza kumwiringira.**
    b. Kubabazwa n'uko yemeye ko ubabara.
    c. Kubeshya ko twishimye nubwo tubabaye.
    d. Kumenya ko inzira za Yesu ari amayobera kuburyo tutashobora kumumenya no kubana nawe.
12. Ni iki Yesu yari ashatse kuvuga ubwo yagiraga ati, "Unyizera wese ntabwo azapfa"?

a. Ko abamukurikira bose batazigera bapfa nk'abandi.
b. Ko abigishwa be bazongera bakabaho bafite imyanya myiza ndetse y'urwego rwo hejuru.

**c. Ko abamwizeye bose kandi bakamwakira mu buzima bwabo batapfa mu buryo bw'umwuka.**

d. Nta muntu ubizi. Yabivuze kugira ngo abone abayoboke benshi.

Haba hari ibibazo ufite mu buzima bwawe muri iki gihe? Niba ubifite, ni iki Yesu ashaka ko ukora muri ibyo bibazo byose? Ni iki yaba arimo gukora kugira akwigize bugufi nawe bwe muri ibyo bibazo urimo kunyuramo?

_____

_____

_____

Mbese wari wizera Umucyo w'Isi, mu kuzuka n'ubugingo, muriYesu? Niba warabikoze, ni gute uko kuri guhindura uko ubayeho? Niba utarabikora, akira Yesu Kristo mu bugingo bwawe uyu munsi.

_____

_____

_____

Shima Yesu kuko ari we ukemura ibibazo byo mu buzima bidafitiye igisubizo. Musabe kugira ngo agukemurire ibibazo byawe ndetse agushoboze kumwizera burundu. Musabe kugira ngo akwigize akwegere muri buri mibereho yo mu bugingo bwawe.

**Kujya Imuhengeri**

1. Ni gute wagereranya ndetse ugashyira mu bikorwa ubutumwa bwo muri Yohana 7:37-39 n'ibyo Yesu yabwiye umugore wari ku iriba ko kunywa ku mazi y'ubugingo rimwe gusa bibera isoko (uyanywa) abandi baza bakanywaho?

   _____
   _____
   _____

2. Dushingiye kubyavuzwe na Yohana 8:30-36, ubona inzego eshatu zo gukizwa ari izihe?

   _____
   _____
   _____

3. Sobanura ndetse uvuge ubutumwa bwavuzwe na Yesu bwo muri Yohana 9:41 aho yagize ati, niyo waba uri impumyi cyangwa udafite umucyo wo mu mwuka na mba, wakora ibyaha.

   _____
   _____
   _____

4. Gereanya ndetse usanishe ubutumwa bwo muri Yohana 10:9 n'ubwo muri Yohana 14:6

   _____
   _____
   _____

5. Nkuko byanditswe muri Yohana gice cya cumi n'icya cumi na kimwe, kuki Yesu yagumye aho yari, bigatuma abantu batatu yakundaga cyane bahura n'ikibazo gikomeye cyane cy'uburwayi n'urupfu kitagira umuti?

   _____
   _____
   _____

6. Vuga ndetse usobanure amabwiriza abiri yatanzwe na Yesu muri Yohana 11:26, aho dushingira kwemera ko naho twapfa tuzabaho. (Uri muri jye wese kandi akanyizera).

   _____
   _____
   _____

7. Nk'uko byanditswe muri Yohana 12:23-28, Yesu yavuze ko akabuto iyo gatewe mu butaka katakwera imbuto nyinshi cyeretse ari uko kabanje gupfa. Arangije avuga ko yazanywe mu isi n'icyo gihe maze arangije arasenga ati, "*Data, ubahisha izina ryawe*!" Nigeze kumva iri sengesho rihindurwa ritya ngo, "Data, ubahisha izina ryawe maze unyohererezе fagitire cyangwa inyemeza buguzi. Icyo ari cyo cyose Data, wowe ubahisha izina ryawe!" Wari wigera usenga iryo sengesho, cyangwa urumva ubu witeguye kurisenga?

   _____

_____
_____

**Umwiherero wa Nyuma wa Gikristo**

**Igice cya 12**
**Inyigisho y'Amajwi: Isezerano Rishya #30**

Intego: Gusobanukirwa "Ikiganiro cya Yesu cyo mu cyumba cyo Hejuru" no kumenya ukuri kwimbitse yabwiye abigishwa be mu ijoro ryabanjirije kubambwa kwe.

*"Ndabaha itegeko rishya ngo mukundane nk'uko nabakunze, mube ari ko namwe mukundana. Ibyo ni byo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa banjye, nimukundana." Yohana* 13:34-35

*"Yesu arababwira ati, "Ni jye nzira n'ukuri n'ubugingo: ntawujya kwa data ntamujyanye."* Yohana 14:6

*"Ariko Umufasha ari we Mwuka Wera, uwo Data azatuma mu izina ryanjye, niwe uzabigisha byose, abibutse ibyo nababwiye byose. Mbasigiye amahoro, amahoro yanjye ndayabahaye. Icyakora simbaha nk'uko ab'isi batanga. Imitima yanyu ntihagarare kandi ntitinye."* Yohana 14:26-27

Ibice bya 13-17 by'Ubutumwa bwiza bwanditswe na Yohana bitubwira ibyo mu ijoro rya nyuma Yesu ari kumwe n'abigishwa be mbere yuko abambwa k'umusaraba. Mu kiganiro kirekire yagiranye n'abigishwa be mu "cyumba cyo hejuru", Yesu yababwiye ukuri kwinshi kw'ingenzi cyane. Yari yaratangiranye umurimo we "n'umwiherero wa mbere wa Gikristo", Ikibwiriza cye cyo ku Musozi cyo muri Matayo, hanyuma muri Yohana awusozanya "n'umwiherero wa nyuma wa Gikristo." Iyo nama yatangiye Yesu, Umwami ndetse umwigisha wabo yoza ibirenge by'abigishwa be. Arimo kuganira nabo, yabahaye itegeko rishya ryo gukundana, abasezeranya ko umubano wabo nawe uzakomeza na nyuma yo kuzamuka kwe bikozwe n'Umwuka Wera azabohereza, kandi ababwira ko bazera imbuto nibagirana umubano nawe uhoraho. Yigereranije n'umuzabibu ndetse agereranya abigishwa be n'amashami, amashami yera imbuto bitewe n'ubuzima buri mu muzabibu.

Maze mu gice cya 17, ku musozo w'igihe yari kumwe n'abigishwa be, Yesu yasengeye abigishwa be isengesho rirerire. Yesu yarasengeye "amashami" ye, abigishwa be 12 kubw'umurimo bazakora, ndetse n'abazamwizera bose mu bihe byose. Yesu yasengeye itorero rye kugira ngo ribe ubumwe nawe kandi ngo rigire ubumwe hagati muri ryo ndetse ngo rimenye kandi rigaragaze urukundo rwaryo.

1. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Ikiganiro cyo mu cyumba cyo Hejuru" ni cyo kiganiro kirekire cyane cyanditswe cyatanzwe na Yesu.
2. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Ubwo Yesu yabwiraga abigishwa be ko agiye gutandukana nabo, yabasabye kujyana nawe.

3. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Yesu yavuze ko buri mwigishwa we wese azera imbuto.
4. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Igihe cye cyo kujya kumusaraba kigeze, Yesu ntabwo yagerageje kwanga kababaro cyangwa urupfu, ahubwo yasabye Imana gusa ko yihesha icyubahiro.

*Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe gusa cya buri kibazo.*

5. Ni ikihe muri ibi bibazo ubutumwa bwanditswe na Yohana bugerageza gusubiza neza? (*Hitamo ibyo ubona ko ari ibisubizo byose*)
   **a. Yesu ni nde?**
   **b. Kwizera ni iki?**
   **c. Ubugingo ni iki?**
   d. Yesu azagaruka ryari?
6. Kuki Yesu yogeje ibirenge by'abigishwa be?
   a. Bari bavuye mu rugendo rwa kure kandi bari bafite umukungugu mwinshi ku birenge byabo.
   **b. Yashakaga kubagaragariza urukundo rwe ndetse akababera urugero rw'ukuntu bagomba gukundana.**
   c. Yagira ngo ashyireho umuhango wajya ukorwa buri gihe n'amatorero.
   d. Nta wuzi impamvu- Bibiliya ntabwo isobanura icyo gikorwa kidasanzwe.
7. Ni irihe "tegeko rishya" Yesu yahaye abigishwa be?
   a. Gukunda Imana- nubwo iri tegeko ryari rimaze imyaka myinshi cyane ryaratanzwe.
   b. Gukunda imiryango yabo n'inshuti zabo- nk'uko abandi bose babigenza.
   **c. Gukundana n'ubwo bari batandukanye cyane kandi batari inshuti ubusanzwe.**
   d. Kujya mu rugendo ngaruka mwaka rw' i Yerualemu.

8. Ni ibihe muri ibi biranga umwigishwa Yesu atubwira mu bice bya 8, 13, na 15 by'Ubutumwa bwiza bwanditswe na Yohana? (*Hitamo ibyo ubona ko ari ukuri byose*)
   **a. Kuguma mu ijambo ry'Imana.**
   b. Gutanga ibyo batunze byose bakabiha abakene.
   c. Kugira ubushobozi bwo kumenya buhanitse.
   **d. Gukundana**
   e. Kumvira amategeko y'Imana neza
   **f. Kwera imbuto ze**
9. Yesu yavuze ko twabona dute Imana Data?
   a. Ari uko dupfuye tukajya mu ijuru
   b. Dusenga ndetse twiyiriza
   c. Tujijutse gusa
   **d. Twitegereza ubuzima n'umurimo wa Yesu Kristo.**
10. Ni iki twakora kugira ngo dukore umurimo w'Imana?
   a. Kwiyiriza no gusenga iminsi 40
   **b. Kuba umwe na Yesu n'Umwuka Wera kubwo kwizera.**
   c. Kuba abaziranenge nka Yesu
   d. Gukora cyane
11. Kuki abigishwa ba Yesu bagomba kwera imbuto? (Hitamo ibyo ubona byose ko ari ukuri)
   a. Kuko tubona agakiza ari uko tweze imbuto
   **b. Kuko bitabaho ko umwigishwa abura kwera imbuto**
   **c. Kwereka isi abigishwa be nyakuri**
   **d. Guhesha Imana icyubahiro**
   e. Kugaragaza ko Imana idukunda kurusha uko ikunda abandi
   **f. Gutanga umunezero nyakuri**
   **g. Kuko yabatoranirije kwera imbuto**
   **h. Kuko ari umuzabibu maze abigishwa be bakaba amashami yera imbuto iyo amugumyeho.**
12. Ni iki kwera imbuto bikora mu bugingo bwacu? (hitamo ibyo ubona ko ari ukuri byose)
   a. Bidutera kumva hari icyo turusha abandi
   **b. Bizana umunezero.**
   **c. Bigaragaza ko turi abigishwa ba Yesu.**
   d. Bituma tuba abanebwe tukarekera aho gukora.

Ni buryo ki Yesu yakubwiye ubutumwa bwe bw'urukundo? Ni buryo ki wakwereka urukundo rwe abandi bantu? Ni iki wakora kugira ngo woze ibirenge by'abandi?

_____

_____

_____

Umwami yaba arimo gusoroma imbuto mu buzima bwawe? Abandi bakubonamo mbuto ki?

_____
_____
_____

Imana ishimwe kuko yatugaragarije urukundo rwayo, kuko yadusezeranije ko tuzabana nayo iteka ryose, ndetse n'Umwuka Wera yaduhaye ngo abane natwe kandi muri twe. Saba Imana kugira ngo ijye ikomeza kukuzuza Umwuka Wera, igushoboze kwereka abandi urukundo rw'Imana, no kwera imbuto ze mu bugingo bwe. Saba Imana kugira ngo igushoboze kumenya amahoro aturuka mu kuyimenya no kuyikurikira.

**Kujya Imuhengeri**

1. Ni gute twebwe ubwacu twashyira mu bikorwa ibyo Yesu yabwiye abigishwa be byerekeye ku kuba umubano we nabo uzarushaho kuba mwiza nyuma yo gusubira mu ijuru kurusha uko yari kumwe nabo mu isi? (Ite ku kibazo Yuda yabajije n'igisubizo cya Yesu yamusubije cyo mu 14:22-23)

   _____
   _____
   _____

2. Ni gute twasanisha ndetse tugashyira mu bikorwa igisobanuro Yesu yatanze asobanura icyatumye yoza ibirenge by'intumwa ze mu gice cya 13:12-15, n'itegeko Rishya yabahaye ryo mu gice cya 13:34-35?

   _____
   _____
   _____

3. Dushingiye ku mirongo 16 ya mbere yo mu gice cya 15, tubona ko ari buryo ki tugomba gushyira mu bikorwa impamvu esheshatu zatumye Yesu abwira abigishwa be ko bagomba kwera imbuto?

   _____
   _____
   _____

4. Ni gute tugomba gushyira mu bikorwa inzego ennye zitandkanye z'urugero rw'Umuzabibu n'amashami rwatanzwe na Yesu? (Umuzabibu, amashami, imbuto, na Nyir'umurima waganya amahage)

   _____
   _____
   _____

5. Ni gute wowe bwite washyira mu bikorwa mu buzima bwawe ubutumwa bwo muri Yohana 15:16?

   _____

_____
_____
_____

6. Dushingiye ku gice cya 16, ubona ko uruhare n'inshingano y'Umwuka Wera ari iyihe?

   _____
   _____
   _____

7. Ni butumwa ki twese twakura muri Yohana 17:4 maze tukabushyira mu bikorwa mu buzima bwacu? (Itegereze Yohana 4:34; 9:4; 19:30)

   _____
   _____
   _____